**ITEGEKO N°86/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA**

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Icyiciro cya mbere: Ikigamijwe, abagengwa n'iri tegeko n'ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**Icyiciro cya 2: Ububasha mu micungire y'abakozi ba Leta**

**Ingingo ya 4: Umuyobozi ufite ububasha**

**Icyiciro cya 3: Igereranya ry'imirimo**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'imirimo**

**UMUTWE WA II: KWINJIZA ABAKOZI MU MIRIMO**

**LAW N°86/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE GENERAL STATUTES FOR PUBLIC SERVICE**

## TABLE OF CONTENTS

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Section One: Purpose, scope of this Law and definitions**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Scope of this Law**

**Article 3: Definitions**

**Section 2: Competence in public service management**

**Article 4: Competent authority**

**Section 3: Comparison of jobs**

**Article 5: Job classification**

**CHAPTER II: RECRUITMENT**

**LOI N° 86/2013 DU 11/09/2013 PORTANT STATUT GENERAL DE LA FONCTION PUBLIQUE**

## TABLE DES MATIERES

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Section première: Objet, champ d'application de la présente loi et définitions**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

**Article 3: Définitions**

**Section 2: Compétence en matière de gestion des agents de l'Etat**

**Article 4: Autorité compétente**

**Section 3: Comparaison des emplois**

**Article 5: Classification des emplois**

**CHAPITRE II: RECRUTEMENT**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Ibishingirwaho mu gutanga umurimo** | **Article 6: Requirements for recruitment** | **Article 6: Conditions de recrutement** |
| **Ingingo ya 7: Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta** | **Article 7: Requirements for being integrated in the public service** | **Article 7: Conditions pour être intégré dans la fonction publique** |
| **Ingingo ya 8: Uburyo bwo gutanga umurimo** | **Article 8: Recruitment modalities** | **Article 8: Modalités de recrutement** |
| **Ingingo ya 9: Abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano** | **Article 9: Public servants governed by an employment contract** | **Article 9: Agents de l'Etat régis par un contrat de travail** |
| **UMUTWE WA III: IKORWA RY'UMURIMO** | **CHAPTER III: PERFORMANCE OF DUTIES** | **CHAPITRE III: EXERCICE DE LA FONCTION** |
| **Icyiciro cya mbere: Itangira ry'umurimo n'igeragezwa ry'umukozi mushya** | **Section One: Commencement of duties and probation period** | **Section première: Entrée en fonction et stage probatoire** |
| **Ingingo ya 10: Indahiro** | **Article 10: Taking oath** | **Article 10: Serment** |
| **Ingingo ya 11: Uburyo bwo kurahira** | **Article 11: Mode of taking oath** | **Article 11: Modalités de prestation de serment** |
| **Ingingo ya 12: Igihe cy'igeragezwa** | **Article 12: Probation period** | **Article 12: Stage probatoire** |
| **Ingingo ya 13: Irangiza ry'igihe cy'igeragezwa** | **Article 13: Completion of the probation period** | **Article 13: Fin du stage probatoire** |
| **Ingingo ya 14: Ubujurire ku cyemezo cy'igeragezwa** | **Article 14: Appeal** | **Article 14: Recours relatif à la décision du stage probatoire** |
| **Icyiciro cya 2: Igenwa n'iyubahirizwa ry'amasaha y'akazi** | **Section 2: Determination and respect of working hours** | **Section 2: Fixation et application de la durée du travail** |
| **Ingingo ya 15: Amasaha y'akazi** | **Article 15: Working hours** | **Article 15: Durée du travail** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: UKO UMUKOZI WA LETA AGENGWA N'AYA MATEGEKO** | **CHAPTER IV: STATUTORY POSITIONS FOR A PUBLIC SERVANT** | **CHAPITRE IV: POSITIONS STATUTAIRES D'UN AGENT DE L'ETAT** |
| **Icyiciro cya mbere: Aho umukozi wa Leta aherereye** | **Section One: Position of a public servant** | **Section première: Position d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 16: Imihindagurikire y'umwanya w' umukozi wa Leta** | **Article 16: Mobility of a public servant** | **Article 16: Mobilité d'un agent de l'Etat** |
| **Akiciro ka mbere: Umukozi wa Leta mu kazi n'ufatwa nk'uri mu kazi** | **Sub-section One: Public servant in service and one considered to be in service** | **Sous-section première: Agent de l'Etat en activité et celui considéré comme étant en activité** |
| **Ingingo ya 17: Umukozi wa Leta uri mu kazi** | **Article 17: Public servant in service** | **Article 17: Agent de l'Etat en activité** |
| **Ingingo ya 18: Ubwoko bw'ibiruhuko** | **Article 18: Types of leave** | **Article 18: Types de congé** |
| **Ingingo ya 19: Ikiruhuko cy'umwaka** | **Article 19: Annual leave** | **Article 19: Congé annuel** |
| **Ingingo ya 20: Igihe ntarengwa cyo gufata ikiruhuko cy'umwaka** | **Article 20: Deadline for taking annual leave** | **Article 20: Date limite de prise de congé annuel** |
| **Ingingo ya 21: Ikiruhuko cy'ingoboka** | **Article 21: Incidental leave** | **Article 21: Congé de circonstance** |
| **Ingingo ya 22: Ikiruhuko cyo kubyara** | **Article 22: Maternity leave** | **Article 22: Congé de maternité** |
| **Ingingo ya 23: Umushahara w'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara** | **Article 23: Salary during maternity leave** | **Article 23: Salaire pendant le congé de maternité** |
| **Ingingo ya 24: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane** | **Article 24: Additional leave in case of complication** | **Article 24: Congé supplémentaire en cas de complication** |
| **Ingingo ya 25: Impurirane y'ibiruhuko** | **Article 25: Coincidence of leaves** | **Article 25: Congés coïncidents** |
| **Ingingo ya 26: Igihe cyo konsa** | **Article 26: Breastfeeding period** | **Article 26: Période d'allaitement** |

| | | |
|---|---|---|
| Ingingo ya 27: Ikiruhuko kigufi cy'uburwayi | Article 27: Short-term sick leave | Article 27: Congé de maladie de courte durée |
| Ingingo ya 28: Ikiruhuko kirekire cy'uburwayi | Article 28: Long-term sick leave | Article 28: Congé de maladie de longue durée |
| Ingingo ya 29: Uruhushya | Article 29: Authorized absence | Article 29: Permission d'absence |
| Ingingo ya 30: Iminsi y'ikiruhuko rusange iteganywa n'amategeko | Article 30: Official public holidays | Article 30: Jours fériés officiels |
| Ingingo ya 31: Ubutumwa | Article 31: Mission | Article 31: Mission |
| Ingingo ya 32: Amahugurwa | Article 32: Training courses | Article 32: Formation |
| Akiciro ka 2: Kwimurwa | Sub-section 2: Transfer | Sous-section 2: Mutation |
| Ingingo ya 33: Kwimurwa k'umukozi wa Leta | Article 33: Transfer of a public servant | Article 33: Mutation d'un agent de l'Etat |
| Ingingo ya 34: Guhindura umwanya w'umurimo binyuze mu ipiganwa | Article 34: Change of a job position through competition | Article 34 : Changement de poste de travail par concours |
| Akaciro ka 3: Itizwa | Sub-section 3: Secondment | Sous-section 3: Détachement |
| Ingingo ya 35: Itizwa ry'umukozi wa Leta | Article 35: Secondment of a public servant | Article 35: Détachement d'un agent de l'Etat |
| Ingingo ya 36: Igihe cy'itizwa | Article 36: Duration of secondment | Article 36: Durée du détachement |
| Ingingo ya 37: Kurangiza itizwa | Article 37: End of secondment | Article 37: Fin du détachement |
| Akiciro ka 4: Gushyirwa ahandi | Sub-section 4: Placement at another administration disposal | Sous-section 4: Mise à la disposition d'un autre service |
| Ingingo ya 38: Gushyirwa ahandi | Article 38: Placement at another administration disposal | Article 38: Mise à la disposition d'un autre service |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 39: Irangira ryo gushyirwa ahandi** | **Article 39: End of placement at another administration disposal** | **Article 39: Fin de la mise à la disposition d'un autre service** |
| **Akiciro ka 5: Guhagarikwa by'agateganyo** | **Sub-section 5: Suspension from duties** | **Sous-section 5: Suspension des fonctions** |
| **Ingingo ya 40: Impamvu z'ihagarikwa ry'agateganyo** | **Article 40: Reasons for suspension from duties** | **Article 40: Motifs de suspension des fonctions** |
| **Ingingo ya 41: Uburenganzira bw'umukozi wahagaritswe by'agateganyo** | **Article 41: Rights of a public servant suspended from duties** | **Article 41: Droits d'un agent de l'Etat suspendu de ses fonctions** |
| **Ingingo ya 42: Igihe ihagarikwa ry'agateganyo rimara** | **Article 42: Period of suspension from duties** | **Article 42: Durée de suspension des fonctions** |
| **Ingingo ya 43: Ububasha bwo guhagarika umukozi wa Leta by'agateganyo** | **Article 43: Power to suspend a public servant from duties** | **Article 43: Compétence pour suspendre un agent de l'Etat de ses fonctions** |
| **Ingingo ya 44: Irangira ry'ihagarikwa ry'agateganyo** | **Article 44: End of suspension from duties** | **Article 44: Fin de la suspension des fonctions** |
| **Akiciro ka 6: Guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **Sub-section 6: Leave of absence for a specific period** | **Sous-section 6: Mise en disponibilité pour une durée determine** |
| **Ingingo ya 45: Guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **Article 45: Leave of absence for a specific period** | **Article 45: Mise en disponibilité pour une durée determine** |
| **Ingingo ya 46: Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **Article 46: Modalities for leave of absence for a specific period** | **Article 46: Modalités de mise en disponibilité pour une durée déterminée** |
| **Icyiciro cya 2: Isuzumabushobozi** | **Section 2: Performance appraisal** | **Section 2: Evaluation des performances** |
| **Ingingo ya 47: Isuzumabushobozi ry'abakozi ba Leta** | **Article 47: Public servants' performance appraisal** | **Article 47: Evaluation des performances des agents de l'Etat** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA, AMASHIMWE N'INSHINGANO Z'UMUKORESHA** | **CHAPTER V: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT, AWARDS AND RESPONSIBILITIES OF THE EMPLOYER** | **CHAPITRE V: DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT, RECOMPENSES ET RESPONSABILITES DE L'EMPLOYEUR** |
| **Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta** | **Section One: Rights of a public servant** | **Section première: Droits de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 48: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta nk'umuturage** | **Article 48: Rights of a public servant as a citizen** | **Article 48: Droits de l'agent de l'Etat en tant que citoyen** |
| **Ingingo ya 49: Uburenganzira kuri dosiye y'akazi** | **Article 49: Right on administrative file** | **Article 49: Droit au dossier administratif** |
| **Ingingo ya 50: Gusaba gutunganya dosiye y'akazi** | **Article 50: Request for updating the professional file** | **Article 50: Demande d'une mise à jour du dossier professionnel** |
| **Ingingo ya 51: Uburenganzira bwo kwinjira mu masendika** | **Article 51: Right to join trade unions** | **Article 51: Liberté d'adhérer à des syndicats** |
| **Ingingo ya 52: Umushahara** | **Article 52: Salary** | **Article 52: Salaire** |
| **Ingingo ya 53: Umushahara mbumbe** | **Article 53: Gross salary** | **Article 53: Salaire brut** |
| **Ingingo ya 54: Imbonerahamwe fatizo y'imishahara** | **Article 54: Salary index grid** | **Article 54: Grille indiciaire de salaire** |
| **Ingingo ya 55: Ibarwa ry'umushahara fatizo** | **Article 55: Calculation of the basic salary** | **Article 55: Calcul du salaire de base** |
| **Ingingo ya 56: Umubare ntarengwa w'ibikurwa ku mushahara** | **Article 56: Maximum deductions from the salary** | **Article 56: Plafond de retenues salariales** |
| **Ingingo ya 57: Ibarwa ry'umushahara** | **Article 57: Calculation of salary** | **Article 57: Calcul du salaire** |
| **Ingingo ya 58: Akanama k'Igihugu gashinzwe imishahara** | **Article 58: National Salary Committee** | **Article 58: Comité National des Salaires** |

| | | |
|---|---|---|
| Ingingo ya 59: Indamunite | Article 59: Allowances | Article 59: Indemnités |
| Ingingo ya 60: Umukozi wa Leta wasigariyeho undi | Article 60: Acting public servant | Article 60: Agent assurant l'intérim |
| Ingingo ya 61: Ubuzime bw'uburenganzira ku mushahara na indamunite | Article 61: Prescription of payment of salary and allowances | Article 61: Prescription de paiement du salaire et indemnités |
| Icyiciro cya 2: Amashimwe | Section 2: Awards | Section 2: Récompenses |
| Ingingo ya 62: Ishimwe | Article 62: Award | Article 62: Récompense |
| Icyiciro cya 3: Inshingano z'umukoresha | Section 3: Responsibilities of the employer | Section 3: Responsabilités de l'employeur |
| Ingingo ya 63: Amabwiriza ngengamikorere | Article 63: Manual of administrative procedures | Article 63: Manuel de procédures administratives |
| Ingingo ya 64: Ibikoresho n'ibyangombwa | Article 64: Equipments | Article 64: Matériel |
| Ingingo ya 65: Isuku y'aho akazi gakorerwa | Article 65: Cleanliness at the workplace | Article 65: Propreté du travail |
| Ingingo ya 66: Ibikoresho birinda impanuka | Article 66: Protection equipments against hazards | Article 66: Equipements de protection contre les accidents |
| Ingingo ya 67: Umutekano w'umukozi wa Leta | Article 67: Safety of a public servant | Article 67: Sécurité de l'agent de l'Etat |
| Ingingo ya 68: Inyubako n'ibikoresho bidahungabanya ubuzima bw'abakozi ba Leta | Article 68: Premises and equipments not detrimental to the health of public servants | Article 68: Locaux et équipements ne constituant aucun danger pour la santé des agents de l'Etat |
| Ingingo ya 69: Kuvuza umukozi wa Leta | Article 69: Healthcare of a public servant | Article 69: Soins médicaux de l'agent de l'Etat |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 70: Imenyekanisha ry'ibyago bikomoka ku kazi** | **Article 70: Declaration of occupational hazards** | **Article 70: Déclaration des accidents de travail** |
| **UMUTWE WA VI: IBISABWA UMUKOZI WA LETA N'IBITABANGIKANA N'IMIRIMO YE** | **CHAPTER VI: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AND INCOMPATIBILITIES** | **CHAPITRE VI: OBLIGATIONS DE L'AGENT DE L'ETAT ET INCOMPATIBILITES** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibisabwa umukozi wa Leta** | **Section One : Obligations of public servant** | **Section première: Obligations de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 71: Inshingano zifitanye isano no gutunganya umurimo** | **Article 71: Obligations related to service delivery** | **Article 71: Obligations en rapport avec la prestation des services** |
| **Ingingo ya 72: Kubungabunga umutungo wa Leta** | **Article 72: Preserving public property** | **Article 72: Préserver la chose publique** |
| **Ingingo ya 73: Ibanga ry'akazi** | **Article 73: Professional secrecy** | **Article 73: Secret professionnel** |
| **Ingingo ya 74: Imyitwarire y'umukozi wa Leta** | **Article 74: Professional conduct of a public servant** | **Article 74: Ethique professionnelle de l'agent de l'Etat** |
| **Icyiciro cya 2: Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta** | **Section 2: Incompatibilities with the status of a public servant** | **Section 2: Incompatibilités avec la qualité de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 75: Imirimo umukozi wa Leta atemerewe** | **Article 75: Activities that a public servant is not allowed to carry out** | **Article 75: Activités interdites à l'agent de l'Etat** |
| **UMUTWE WA VII: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI N'UBUJURIRE** | **CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE SANCTIONS AND APPEAL** | **CHAPITRE VII: SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET RECOURS** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibihano** | **Section One: Sanctions** | **Section première: Sanctions** |
| **Ingingo ya 76: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi** | **Article 76: Categories of administrative sanctions** | **Article 76: Catégories des sanctions administratives** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 77: Ikosa** | **Article 77: Misconduct** | **Article 77: Faute disciplinaire** |
| **Ingingo ya 78: Uburyozwe bw'ikosa n'uburyozwe bw'icyaha** | **Article 78: Disciplinary liability and criminal liability** | **Article 78: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale** |
| **Ingingo ya 79: Kwisobanura** | **Article 79: Defence** | **Article 79: Défense** |
| **Ingingo ya 80: Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano** | **Article 80: Application of a sanction** | **Article 80: Application de la sanction** |
| **Ingingo ya 81: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi** | **Article 81: Powers to impose administrative sanctions** | **Article 81: Pouvoir d'infliger des sanctions administratives** |
| **Ingingo ya 82: Uburyo bw'imihanire y'abakozi ba Leta** | **Article 82: Modalities for imposing disciplinary sanctions to public servant** | **Article 82: Modalités d'application du régime disciplinaire des agents de l'Etat** |
| **Icyiciro cya 2: Ubujurire** | **Section 2: Appeal** | **Section 2: Recours** |
| **Ingingo ya 83: Uburenganzira bwo kujurira bw'umukozi wa Leta** | **Article 83: Right of a public servant to appeal** | **Article 83: Droit de recours pour un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 84: Uburyo ubujurire bukorwa** | **Article 84: Appeal procedure** | **Article 84: Procédure de recours** |
| **Ingingo ya 85: Kuregera inkiko** | **Article 85: Filing a complaint with the courts of Law** | **Article 85: Recours devant les juridictions** |
| **UMUTWE WA VIII: KUVA MU BAKOZI BA LETA** | **CHAPTER VIII: TERMINATION OF EMPLOYMENT OF PUBLIC SERVANT** | **CHAPITRE VIII: CESSATION DEFINITIVE DES FONCTIONS DE L'AGENT DE L'ETAT** |
| **Ingingo ya 86: Impamvu zo kuva mu bakozi ba Leta** | **Article 86: Grounds for termination of employment of a public servant** | **Article 86: Motifs de cessation définitive des fonctions de l'agent de l'Etat** |
| **Icyiciro cya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi** | **Section One: Leave of absence for a non specific period** | **Section première : Mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 87: Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi** | **Article 87: Request for leave of absence for non specific period** | **Article 87: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |
| **Ingingo ya 88: Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kitazwi** | **Article 88: Modalities for leave of absence for a non specific period** | **Article 88: Modalités de mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |
| **Ingingo ya 89: Gusubira mu kazi nyuma y'ihagarika ry'akazi mu gihe kitazwi** | **Article 89: Reintegration in the public service after leave of absence for a non specific period** | **Article 89: Réintégration dans la fonction publique après la mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |
| **Icyiciro cya 2 : Gusezera burundu ku kazi** | **Section 2: Deliberate resignation** | **Section 2: Démission volontaire** |
| **Ingingo ya 90: Gusaba gusezera burundu ku kazi** | **Article 90: Request for deliberate resignation** | **Article 90: Demande de la démission volontaire** |
| **Ingingo ya 91: Uburyo bukurikizwa mu gusezera burundu ku kazi** | **Article 91: Modalities for deliberate resignation** | **Article 91: Modalités de démission volontaire** |
| **Ingingo ya 92: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezera burundu ku kazi** | **Article 92: Reintegration in the public service after deliberate resignation** | **Article 92: Réintégration de la fonction publique après une démission volontaire** |
| **Icyiciro cya 3: Gusezerera umukozi wa Leta nta mpaka** | **Section 3: Automatic removal from office of a public servant** | **Section 3: Démission d'office d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 93: Impamvu zo gusezerera umukozi wa Leta nta mpaka** | **Article 93: Grounds for automatic removal from office of a public servant** | **Article 93: Raisons de démission d'office d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 94: Ububasha bwo gusezerera umukozi wa Leta** | **Article 94: Competence to decide automatic removal from office of a public servant** | **Article 94: Compétence de décider la démission d'office de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 95: Ibarwa ry'amafaranga y'imperekeza** | **Article 95: Termination benefits** | **Article 95: Calcul des indemnités de départ** |
| **Ingingo ya 96: Ibyubahirizwa mu gutanga** | **Article 96: Requirements for granting of** | **Article 96: Conditions pour octroi des** |

| | | |
|---|---|---|
| **imperekeza** | **termination benefits** | **indemnités de départ** |
| **Ingingo ya 97: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezererwa ku kazi nta mpaka** | **Article 97: Reintegration in the public service after automatic removal from office** | **Article 97: Réintégration de la fonction publique après la démission d'office** |
| **Icyiciro cya 4: Kwirukanwa burundu no gusubizwa mu kazi k'umukozi wa Leta** | **Section 4: Dismissal and reintegration of a public servant** | **Section 4: Révocation et réintégration de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 98: Kwirukanwa burundu ku kazi kubera ikosa rikomeye** | **Article 98: Dismissal due to gross misconduct** | **Article 98: Révocation pour faute grave** |
| **Ingingo ya 99: Gusubira mu kazi nyuma yo kwirukanwa burundu** | **Article 99: Reintegration of a public servant after dismissal** | **Article 99: Réintégration de l'agent de l'Etat après révocation** |
| **Icyiciro cya 5: Kwemererwa gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru** | **Section 5: Admission to retirement** | **Section 5: Admission à la retraite** |
| **Ingingo ya 100: Ikiruhuko cy'izabukuru** | **Article 100: Retirement** | **Article 100: Retraite** |
| **Ingingo ya 101: Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru** | **Article 101: Retirement age** | **Article 101: Age de la retraite** |
| **Ingingo ya 102: Impamba y'izabukuru** | **Article 102: Retirement benefits** | **Article 102: Indemnités de mise à la retraite** |
| **Icyiciro cya 5: Urupfu rw'umukozi wa Leta** | **Section 5: Death of a public servant** | **Section 5: Décès d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 103: Kuva mu bakozi ba Leta bitewe n'urupfu** | **Article 103: Termination of employment of a public servant due to his/her death** | **Article 103: Cessation des fonctions d'un agent de l'Etat suite au décès** |
| **Ingingo ya 104: Impozamarira n'amafaranga y'ishyingura** | **Article 104: Death allowances and funeral expenses** | **Article 104: Indemnités de décès et dépenses funéraires** |
| **UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IX: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |

**Ingingo ya 105: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 106: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 107: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 108: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 105: Transitional period**

**Article 106: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 107: Repealing provision**

**Article 108: Commencement**

**Article 105: Période transitoire**

**Article 106: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 107: Disposition abrogatoire**

**Article 108: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°86/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA**

Twebwe, **KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 13 Kanama 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 12 Kanama 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 11, iya 37, iya 38, iya 39, iya 45, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 112, iya 113, iya 118, iya 126, iya 181 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n°22/2002 ryo kuwa

**LAW N°86/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE GENERAL STATUTES FOR PUBLIC SERVICE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 13 August 2013;

The Senate, in its session of 12 August 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 11, 37, 38, 39, 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 112, 113, 118, 126, 181 and 201;

Having reviewed Law n° 22/2002 of 09/07/2002

**LOI N° 86/2013 DU 11/09/2013 PORTANT STATUT GENERAL DE LA FONCTION PUBLIQUE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 13 août 2013;

Le Sénat, en sa séance du 12 août 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 37, 38, 39, 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 112, 113, 118, 126, 181 et 201;

Revu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant

09/07/2002 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Icyiciro cya mbere: Ikigamijwe, abagengwa n'iri tegeko n'ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rigenga abakozi ba Leta bakora ku buryo buhoraho.

Abakozi ba Leta bakora ku buryo bw'amasezerano bagengwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.

Sitati zigenga Abanyapolitiki, Abacamanza n'Abakozi bo mu Nkiko, Abashinjacyaha n'Abakozi bunganira Ubushinjacyaha Bukuru zishyirwaho n'amategeko yihariye.

Iteka rya Perezida rishobora gushyiraho sitati

on General Statutes for Rwanda Public Service;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Section One: Purpose, scope of this Law and definitions**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes the General Statutes for Public Service.

**Article 2: Scope of this Law**

This Law shall govern public servants employed on permanent basis.

Public servants subject to employment contracts shall be governed by the Law Regulating Labour in Rwanda.

The Statutes governing political leaders, judges and judicial personnel, Prosecutors and support staff of the National Public Prosecution Authority shall be established by special laws.

A presidential Order may establish a special

Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Section première: Objet, champ d'application de la présente loi et définitions**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi porte Statut Général de la Fonction Publique.

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi régit les agents de l'Etat exerçant leurs fonctions de façon permanente.

Les agents de l'Etat sous contrats sont régis par la loi portant réglementation du travail au Rwanda.

Les Statuts régissant les mandataires politiques, les juges et le personnel judiciaire, les officiers de poursuite judiciaire et le personnel d'appui de l'Organe National de Poursuite Judiciaire sont établis par des lois particulières.

Un arrêté présidentiel peut, en cas de besoin,

yihariye igenga abakozi bo mu rwego rw'umurimo runaka mu gihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibi bisobanuro:

1° **icyumweru:** igihe kingana n'iminsi irindwi (7) ikurikiranye y'ingengaminsi;

2° **ikosa rikomeye:** ikosa rikorwa hashingiwe ku buremere bw'icyakozwe, ikitakozwe cyangwa imyitwarire, uburyo byabayemo, ingaruka byateje mu butegetsi bwa Leta, kuri servisi itangwa no ku bo servisi zigenerwa;

3° **imbonerahamwe fatizo y'imishahara**: ishusho igaragaza imibare fatizo iri hamwe ishobora kujyana n'intera n'imyanya y'imirimo bikaba ari byo bishingirwaho mu kubara imishahara fatizo;

4° **imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo**: ishusho yerekana uburyo urwego rwa Leta ruteye hakurikijwe inzego zirugize n'imyanya y'imirimo ijyana na zo, n'ibyo iyo myanya isaba, ndetse n'ibisabwa abakozi bagomba gukora iyo mirimo. Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yerekana ku

statutes governing public servants of any given profession where considered necessary.

**Article 3: Definitions**

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **week**: a period of seven (7) consecutive calendar days;

2° **gross misconduct**: a misconduct which depends on the seriousness of the act committed, omission or behaviour displayed, circumstances, impact on public service, service delivered and beneficiaries of service;

3° **salary index grid**: a table showing all indexes likely to be assigned to different grades and job positions, and on the basis of which basic salaries are calculated;

4° **organizational structure:** a table showing the organizational arrangement of a public institution according to its departments, job positions and their related requirements as well as the profile required to filling such job positions. The organisational structure shall accurately indicate the number of

déterminer un statut particulier régissant les agents relevant d'une profession donnée.

**Article 3: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° **semaine** : une période de sept (7) jours calendriers consécutifs ;

2° **faute grave**: faute commise en fonction de la gravité de l'acte commis, d'une omission ou d'un comportement affiché, des circonstances de leur survenance, de leur impact sur la fonction publique, le service et les bénéficiaires du service ;

3° **grille indiciaire de salaire**: un tableau qui représente l'ensemble des indices pouvant être attachés aux différents grades et postes d'emploi, et à partir desquels les salaires de base sont calculés;

4° **cadre organique** : un tableau qui présente le système d'organisation d'une institution publique, suivant ses unités de service, les postes d'emploi qui s'y rapportent, les conditions requises ainsi que le profil des agents qui doivent y être affectés. Le cadre organique indique de manière précise le

buryo butaziguye umubare w'imirimo n'imyanya y'imirimo iteganyijwe ku ngengo y'imari, imyanya abakozi barimo n'iyo batarimo;

5° **imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo**: imbonerahamwe yifashishwa mu gotondeka imyanya y'imirimo, hagamijwe kugaragaza uko imyanya irutana no kugena imishahara ijyana na yo;

6° **intera**: uburyo bugaragarira mu nyuguti, mu mibare, cyangwa mu nyuguti n'imibare, bugaragaza ku buryo butaziguye icyiciro cy'umurimo w'umukozi wa Leta, ndetse n'ingazimpagarike n'ingazintambike by'umwanya we;

7° **isesengura ry'umwanya w'umurimo:** uburyo butaziguye kandi bwumvikana neza bwifashishwa mu kugaragaza icyo umwanya w'umurimo usaba by'umwihariko, uburyo ukorwa, imiterere y'ibikorwa biwugize n'uruhare umuntu agira mu kuwutunganya, ndetse n'ibisabwa byose ku muntu wese ushobora gushingwa uwo mwanya w'umurimo;

8° **Komisiyo**: Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta;

jobs and posts provided for in the budget, the number of occupied and vacant posts;

5° **job classification:** a table used to compare job positions in order to determine their hierarchical value and corresponding salaries;

6° **grade**: a system expressed in letters, figures, or letters and figures accurately showing the employment level of a public servant as well as the vertical and horizontal ranking of his/her job position;

7° **job description:** a mechanism which is accurate and understandable used to indicate particular requirements of the job position, the work conditions, nature of corresponding tasks and responsibilities, role played in performing the work as well as all requirements for the potential holder of such job position;

8° **Commission**: Public Service Commission;

nombre d'emplois et de postes d'emploi prévus dans le budget, le nombre de postes occupés et le nombre de postes vacants ;

5° **classification des emplois**: un tableau servant à comparer des postes d'emploi en vue de déterminer leur valeur hiérarchique et des salaires y correspondant;

6° **grade :** un système exprimé en lettres, en chiffres, ou en chiffres et lettres, indiquant de manière précise le niveau d'un emploi d'un agent de l'Etat ainsi que le positionnement vertical et horizontal de son poste d'emploi ;

7° **description de poste**: mécanisme précis et compréhensible servant à indiquer les exigences particulières d'un poste d'emploi, les conditions de travail, la nature des tâches et responsabilités correspondantes, le rôle dans l'accomplissement de ce travail ainsi que toutes les conditions requises pour un éventuel occupant de ce poste;

8° **Commission**: Commission de la Fonction Publique;

9° **Minisitiri:** Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze;

10° **ubutegetsi bwa Leta**: urukomatanye rw'inzego z'imirimo n'abakozi Leta igena kugira ngo bakorere abaturage ;

11° **ukwezi:** igihe kingana n'iminsi mirongo itatu (30) ikurikiranye y'ingengaminsi**;**

12° **umubare fatizo**: umubare wuzuye ugaragaza agaciro k'intera y'umukozi wa Leta cyangwa ak'umwanya w'umurimo we, ushingirwaho kugira ngo abarirwe umushahara;

13° **umukozi wa Leta:** umuntu wese ufite umwanya w'akazi uhoraho mu Butegetsi bwa Leta, cyangwa ugengwa n'amasezerano y'akazi kandi agahembwa ku mafaranga akomoka ku mutungo wa Leta;

14° **umurimo**: akazi umuntu akora mu butegetsi bwa Leta. Umurimo ushobora kugirwa n'umwanya umwe cyangwa myinshi;

15° **umushahara**: igihembo gihwanye n'akazi kakozwe n'umukozi wa Leta;

9° **Minister**: the Minister in charge of public service ;

10° **public service**: a whole of public institutions and public servants established by the Government to serve the population;

11° **month:** a period of thirty (30) consecutive calendar days;

12° **index**: is an exact number indicating the value of the grade of a public servant or his/her job position upon which his/her salary is calculated;

13° **public servant**: any person with a permanent job position or working on employment contract in public service and who is paid out of the public funds;

14° **job**: designation given to an activity carried out in public service. A job may be comprised of one or more positions;

15° **salary**: payment made to a public servant to compensate services delivered;

9° **Ministre:** Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions ;

10° **fonction publique:** ensemble des institutions publiques et les agents de l'Etat mis en place par l'Etat pour servir la population;

11° **mois**: une période de trente (30) jours calendriers consécutifs;

12° **indice:** chiffre exact qui indique la valeur du grade de l'agent de l'Etat ou de son poste d'emploi, sur base duquel son salaire est calculé;

13° **agent de l'Etat:** toute personne exerçant un emploi permanent ou régi par un contrat de travail au sein de la fonction publique et rémunérée sur les fonds publics;

14° **emploi:** occupation au sein de la fonction publique; un emploi pouvant être subdivisé en un ou plusieurs postes;

15° **salaire :** la contrepartie du travail fourni par un agent de l'Etat ;

16° **umwanya w'umurimo**: akazi gahabwa umukozi wa Leta umwe gusa kugira ngo yuzuze inshingano zijyanye n'umurimo we;

17° **urwego rw'umurimo:** urukomatanye rw'imirimo ifite ibyo ihuriyeho byerekeranye n'imiterere y'ibikorwa n'uburyo umuntu ahabwa akazi, uko azamurwa mu ntera n'imiterere bwite y'aho akorera.

**Icyiciro cya 2: Ububasha mu micungire y'abakozi ba Leta**

**Ingingo ya 4: Umuyobozi ufite ububasha**

Buri rwego mu butegetsi bwa Leta rugira umuyobozi ufite ububasha bwo gufata icyemezo mu rwego rw 'imicungire y'abakozi ba Leta.

Iteka rya Perezida rigena umuyobozi ufite ububasha n'uburyo ububasha butangwa mu micungire y'abakozi ba Leta.

**Icyiciro cya 3: Igereranya ry'imirimo**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'imirimo**

Imirimo n'imyanya y'imirimo bijyana na buri rwego rw'imirimo mu Butegetsi bwa Leta igaragazwa ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo.

16° **job position**: a single and physical position where a public servant is appointed in order to carry out duties related to his/ her job;

17° **job category**: a set of jobs with similar characteristics such as the nature of tasks and responsibilities, modalities for access, promotion and work conditions.

**Section 2: Competence in public service management**

**Article 4: Competent authority**

Every public institution shall have an authority entrusted with competence to make decisions regarding the management of public servants.

A Presidential Order shall determine the competent authority and modalities of authority delegation as regards the management of public servants.

**Section 3: Comparison of jobs**

**Article 5: Job classification**

Jobs and related positions as well as each job category in the public service shall appear in the job classification table.

16° **poste d'emploi**: position singulière et physique où un seul agent de l'Etat est placé pour remplir les fonctions liées à son emploi;

17° **catégorie d'emploi :** ensemble des emplois ayant des caractéristiques communes en ce qui concerne la nature des tâches et responsabilités, les modalités d'accès, de promotion et les conditions de travail.

**Section 2: Compétence en matière de gestion des agents de l'Etat**

**Article 4: Autorité compétente**

Chaque institution publique dispose d'une autorité habilitée à prendre des décisions dans le cadre de gestion des agents de l'Etat.

Un arrêté présidentiel détermine l'autorité compétente et les modalités de délégation de pouvoir en matière de gestion des agents de l'Etat.

**Section 3: Comparaison des emplois**

**Article 5: Classification des emplois**

Les emplois et les postes d'emplois qui s'y rapportent et chaque catégorie d'emploi au sein de la fonction publique sont indiqués dans le tableau de classification des emplois.

Iteka rya Perezida rishyiraho imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo mu butegetsi bwa Leta.

**UMUTWE WA II: KWINJIZA ABAKOZI MU MIRIMO**

**Ingingo ya 6: Ibishingirwaho mu gutanga umurimo**

Umukozi wa Leta wese ashyirwa mu mwanya w'umurimo hakurikijwe urwego rw'umurimo uwo mwanya uteganyijwemo ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo.

Gutanga umurimo mu butegetsi bwa Leta bikorwa gusa iyo:

1° uwo murimo ufite umwanya umwe cyangwa myinshi idafite abantu bayirimo kandi yasesenguwe nk'uko bisobanurwa mu agace ka 7° k'ingingo ya 3 y'iri tegeko;

2° uwo mwanya w'murimo wateganyirijwe amafaranga ku ngengo y'imari ya Leta.

**Ingingo ya 7: Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta**

Kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari umunyarwanda;

A Presidential Order shall determine the job classification table in public service.

**CHAPTER II: RECRUITMENT**

**Article 6: Requirements for recruitment**

Each public servant shall be appointed to a job position whose level is indicated in the job classification table.

Recruitment in Public Service shall be carried out only if:

1° the job contains one or more vacant job positions described in accordance with point 7° of Article 3 of this Law;

2° the job position was budgeted for.

**Article 7: Requirements for being integrated in public service**

For a person to be integrated in Public Service, he/she must fulfil the following requirements:

1° to be rwandan;

Un arrêté présidentiel établit le tableau de classification des emplois de la fonction publique.

**CHAPITRE II: RECRUTEMENT**

**Article 6: Conditions de recrutement**

Tout agent de l'Etat est affecté à un poste d'emploi dont le niveau est indiqué dans le tableau de classification des emplois.

Il ne peut y avoir de recrutement à un emploi dans la fonction publique que si:

1° cet emploi contient un ou plusieurs postes d'emploi vacants décrits conformément au point 7° de l'article 3 de la présente loi;

2° cet emploi est budgétisé.

**Article 7: Conditions pour être intégré dans la fonction publique**

Pour être intégré dans la Fonction Publique, il faut remplir les conditions suivantes:

1° être de nationalité rwandaise ;

2° kuba agejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

3° kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo cy'amezi atandatu (6) gusubiza hejuru;

4° kuba atarirukanwe burundu ku kazi ko mu butegetsi bwa Leta;

5° kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta;

6° kuba adakurikiranwaho icyaha cya jenoside;

7° kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo.

Ibindi byangombwa bisabwa biteganywa n'iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba Leta.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Uburyo bwo gutanga umurimo**

Itangwa ry'umurimo mu butegetsi bwa Leta rikorwa hakoreshejwe ipiganwa cyangwa gushyirwaho n'umuyobozi ubifitiye ububasha.
Iteka rya Perezida rigena uburyo bukurikizwa mu gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba Leta.

2° to be at least eighteen (18) years old;

3° not to have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

4° not to have been dismissed definitively from public service;

5° not to appear on black list of public service;

6° not to be prosecuted for the crime of genocide;

7° not to have been sentenced for the crime of genocide or genocide ideology and other related offenses .

Other requirements shall be determined by a Presidential Order governing modalities for the recruitment, appointment and nomination of public servants.

**<u>Article 8</u>: Recruitment modalities**

The recruitment in Public Service shall be carried out through competition or nomination by a competent authority.
A Presidential Order shall governing modalities for the recruitment, appointment and

2° être âgé d'au moins dix-huit (18) ans;

3° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois;

4° n'avoir pas définitivement été révoqué de la fonction publique;

5° ne pas figurer sur la liste noire des agents de l'Etat;

6° ne pas être poursuivi pour crime de génocide;

7° n'avoir pas été condamné pour crime de génocide ou crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes.

Les autres conditions sont déterminées par arrêté présidentiel déterminant les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'Etat.

**<u>Article 8:</u> Modalités de recrutement**

Le recrutement au sein de la fonction publique se fait par concours ou nomination par une autorité compétente.
Un arrêté présidentiel détermine les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination

**Ingingo ya 9: Abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano**

Abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano y'akazi ni aba bakurikira :

1° abasimbura by'agateganyo abakozi ba Leta badahari kubera impamvu ziteganywa n'amategeko ;

2° abakora imirimo yihutirwa idateganyijwe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ;

3° abakora imirimo idafitiwe abahanga bahagije kandi bakenewe cyane ku isoko ry'umurimo.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo abakozi bavugwa muri iyi ngingo bashakwa.

**UMUTWE WA III: IKORWA RY'UMURIMO**

**Icyiciro cya mbere: Itangira ry'umurimo n'igeragezwa ry'umukozi mushya**

**Ingingo ya 10: Indahiro**

Mbere yo gutangira imirimo, Umukozi wa Leta agomba kurahirira imbere y'Umuyobozi ubifitiye

nomination of public servants.

**Article 9: Public servants governed by employment contracts**

Civil servants governed by employment contracts shall be the following:

1° those who temporarily replace public servants who are absent due to reasons provided for by Law;

2° those who perform urgent duties which are not provided for in the organizational structure;

3° those who perform duties that do not have enough experts and who are highly needed on the labour market.

An Order of the Minister shall determine modalities of recruitment of public servants mentioned in this Article.

**CHAPTER III: PERFORMANCE OF DUTIES**

**Section One: Commencement of duties and probation period**

**Article 10: Taking oath**

Before commencing his/her duties, each public servant shall take oath, in presence of the

des agents de l'Etat.

**Article 9: Agents de l'Etat régis par des contrats de travail**

Les agents de l'Etat régis par des contrats de travail sont les suivants:

1° les remplaçants temporaires des agents de l'Etat absents pour des motifs prévus par la loi;

2° ceux prestant des services urgents qui ne sont pas prévus au cadre organique ;

3° ceux exerçant des services n'ayant pas des experts suffisants et rares sur le marché du travail.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de recrutement du personnel visé au présent article.

**CHAPITRE III: EXERCICE DE LA FONCTION**

**Section première: Entrée en fonction et stage probatoire**

**Article 10: Serment**

Avant d'entrer en fonction, tout agent de l'Etat doit prêter serment, en présence de l'autorité

ububasha muri aya magambo:

*"Jyewe,……………………………....., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*

*1° ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;*

*2° ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;*

*3° ko nzubaha Inzego za Leta ;*

*4° ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe, nubahiriza uburenganzira bw'abagenerwa serivisi bose;*

*5° ko nzakoresha ukuri mu kazi, kandi ko ntazamena ibanga ry'akazi.*

*Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.*

*Imana ibimfashemo".*

**<u>Ingingo ya 11</u>: Uburyo bwo kurahira**

Umukozi wa Leta arahira afatishije Ibendera ry'Igihugu ikiganza cy'ibumoso azamuye ukuboko kw'iburyo akarambura ikiganza hejuru.

Umukozi wa Leta ufite ubumuga butuma adashobora kubahiriza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, yambikwa ibendera.

competent authority in the following words:

*"I, ……………………………solemnly swear to the Nation that I shall:*

*1° remain loyal to the Republic of Rwanda;*

*2° uphold the Constitution and other laws;*

*3° respect Government institutions;*

*4° diligently fulfil the responsibilities entrusted to me and respect rights of all service beneficiaries;*

*5° be honest in my functions and keep the professional secrecy.*

*Should I fail to honour this oath, may I face the rigours of the Law.*
*So help me God".*

**<u>Article 11</u>: Modalities of taking oath**

A public servant shall take oath by holding the National Flag with his/her left hand while raising the right hand with a stretched palm.

A public servant with disability which does not enable him/her to comply with provisions of the Paragraph One of this Article shall be made to

compétente, en ces mots:

*"Moi, ……………………… je jure solennellement à la Nation:*

*1° de garder fidélité à la République du Rwanda;*

*2° d'observer la Constitution et les autres lois;*

*3° de respecter les institutions de l'Etat;*

*4° de remplir loyalement les fonctions qui me sont confiées et de respecter les droits de tous bénéficiaires des services;*

*5° d'être honnête dans mes fonctions et de garder le secret professionnel;*

*En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.*
*Que Dieu m'y aide ».*

**<u>Article 11</u>: Modalités de prestation de serment**

L'agent de l'Etat prête serment en posant sa main gauche sur le Drapeau National et en levant en même temps sa main droite.

Au cas où l'agent de l'Etat a un handicap de telle sorte qu'il ne puisse pas se conformer aux dispositions de l'alinéa premier du présent

Iyo umukozi wa Leta warahiye atangira akazi, agiye gukorera urundi rwego rwa Leta ntiyongera kurahira, keretse igihe ashyizwe ku mwanya w'umuyobozi mukuru cyangwa mu rwego abakozi barwo bagengwa na sitati yihariye.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Igihe cy'igeragezwa**

Umukozi wa Leta wese utangiye akazi mu Butegetsi bwa Leta, ageragezwa mu gihe cy'amezi atandatu (6), aho umuyobozi we wo mu rwego rwa mbere asuzuma imikorere ye ku bijyanye n'ubushobozi, imyitwarire n'imyifatire mu kazi.

Igihe umukozi atangiye igeragezwa agomba kumenyeshwa mu nyandiko n'Umuyobozi ubifitiye ububasha, inshingano ze n'ibyo asabwa kubahiriza.

Umukozi wa Leta uri mu igeragezwa agira uburenganzira bw'ibanze nk'ubw'umukozi wa Leta warangije neza igeragezwa.

Umukozi wa Leta warangije igeragezwa mu butegetsi bwa Leta mu gihe cy'amezi atandatu (6) nibura, ntiyongera kugeragezwa iyo atangiye akandi kazi gasa n'ako yakoraga.

wear the flag.

If a public servant who took oath at the time of commencing his/her duties is appointed to another public institution, he/she shall not be required to take oath unless he/she is appointed as Senior official or appointed in organs where employees are governed by special statutes.

**<u>Article 12</u>: Probation period**

Any public servant who commences duties in public service shall be subject to a probation period of six (6) months whereby his/her immediate supervisor shall evaluate his/her performance in terms of his/her professional capacities, moral qualities and behaviour.

If a public servant commences the probation period, he/she shall be informed in writing by the competent authority, of his/her responsibilities and duties.

A public servant under the probation period shall enjoy the same basic rights as any public servant who successfully completed the probation period.

A public servant who has successfully completed the probation period of at least six (6) months, shall no longer be subject to a new probation period, when he/she is recruited in a similar position.

article, on lui fait porter le drapeau.

Lorsqu'un agent de l'Etat qui a prêté serment lors de son entrée en fonction est affecté à une autre institution publique, il ne prête pas serment de nouveau, sauf s'il est affecté au poste de cadre supérieur ou à une entité dont le personnel est régi par un statut particulier.

**<u>Article 12</u>: Stage probatoire**

Tout agent de l'Etat recruté au sein de la fonction publique est soumis à un stage probatoire de six (6) mois au cours duquel son supérieur hiérarchique direct évalue ses performances par rapport à ses aptitudes professionnelles, ses qualités et son comportement.

L'agent de l'Etat qui commence le stage probatoire, doit être notifié par écrit de ses attributions et de ses obligations par l'autorité compétente.

Un agent de l'Etat en stage probatoire bénéficie des mêmes droits de base que l'agent de l'Etat dont le stage probatoire a été concluant.

Un agent de l'Etat qui a effectué un stage probatoire au sein de la fonction publique pendant une période de six (6) mois au moins, n'est plus soumis au stage probatoire lorsqu'il est affecté à un poste similaire à celui qu'il

occupait.

Igihe cy'igeragezwa ku bakozi ba Leta bagengwa na Sitati yihariye kigenwa hashingiwe ku miterere y'imirimo bakora.

**Ingingo ya 13: Irangiza ry'igihe cy'igeragezwa**

Iyo igihe cy'igeragezwa kirangiye rikagaragaza ko umukozi wa Leta ashoboye akazi, ahita ahabwa akazi abimenyeshejwe mu nyandiko n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Iyo igeragezwa rigaragaje ko uwageragejwe adashoboye akazi, ahita asezererwa nta mpaka n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Icyakora, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gusubirishamo igeragezwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) bitewe n'impamvu zigaragara kandi zisobanutse.

**Ingingo ya 14: Ubujurire ku cyemezo cy'igeragezwa**

Umukozi wa Leta utishimiye isuzumabushobozi yakorewe, ashobora kujuririra mu nyandiko, ku rwego rwa mbere, Umuyobozi Mukuru w'Urwego akoramo, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yamenyesherejwe icyemezo yafatiwe. Umuyobozi Mukuru agomba gutanga

The probation period for public servants governed by special statutes shall be determined in accordance with the nature of their duties.

**Article 13: Completion of the probation period**

When a public servant successfully completes the probation period, the competent authority shall immediately notify him/her in writing that his/her appointment is confirmed.

If the probation proves that public servant is incompetent, he/she shall be automatically removed from office by the competent authority.

However, the competent authority may order to retake the probation for a period not exceeding three (3) months due to clear and convincing reasons.

**Article 14: Appeal against a decision about probation**

A public servant who is not satisfied with the performance assessment may appeal in writing, at first instance, to the authority responsible for his/her institution, in a period not exceeding five (5) working days after being notified of the decision taken against him/her. The authority

La durée du stage probatoire pour les agents de l'Etat régis par le statut particulier est déterminée conformément à la nature des fonctions qu'ils occupent.

**Article 13: Fin du stage probatoire**

Lorsque le stage est concluant, l'agent de l'Etat est immédiatement notifié par écrit par l'autorité compétente qu'il est confirmé à son poste.

Lorsque le stage n'est pas concluant, l'agent de l'Etat est immédiatement démis d'office de ses fonctions par l'autorité compétente.

Toutefois, l'autorité compétente peut, pour des raisons claires et convaincantes, decider la reprise du stage probatoire pour une période ne dépassant pas trois (3) mois.

**Article 14: Recours relatif à la décision du stage probatoire**

L'agent de l'Etat qui s'estime lésé par l'évaluation des performances peut introduire, par écrit, au premier degré, un recours à l'autorité responsable de son institution dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables suivant la notification de la décision. L'autorité

igisubizo mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe yaboneyeho ubujurire.

Iyo icyemezo gifashwe kitamushimishije, umukozi wa Leta ashobora kujuririra Komisiyo, mu rwego rwa nyuma mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yaherewe igisubizo. Komisiyo igomba kumuha igisubizo mu minsi itarenze mirongo itatu (30) uhereye igihe yaboneyeho ubujurire.

**__Icyiciro cya 2__: Igenwa n'iyubahirizwa ry'amasaha y'akazi**

**__Ingingo ya 15__: Amasaha y'akazi**

Iteka rya Minisitiri rigena amasaha y'akazi y'abakozi ba Leta mu cyumweru n'uburyo yubahirizwa.

**__UMUTWE WA IV__: UKO UMUKOZI WA LETA AGENGWA N'AYA MATEGEKO**

**__Icyiciro cya mbere__: Aho umukozi wa Leta aherereye**

**__Ingingo ya 16__: Imihindagurikire y'umwanya w' umukozi wa Leta**

Umwanya umukozi wa Leta arimo ugaragaza aho aherereye mu kazi.

responsible for the institution must decide on the appeal in a period not exceeding fifteen (15) working days from the receipt of the appeal.

If a public servant is not satisfied with the decision taken, he/she may appeal in writing, in the last instance, to the Commission within five (5) working days from the notification of the response. The Commission shall respond in a period not exceeding thirty (30) days from the receipt of the appeal.

**__Section 2__: Determination and respect of working hours**

**__Article 15__: Working hours**

A Minister's Ordre shall determine weekly working hours for public servants and modalities for their respect.

**__CHAPTER IV__: STATUTORY POSITIONS FOR A PUBLIC SERVANT**

**__Section One__: Position of a public servant**

**__Article 16__: Mobility of a public servant**

The position of a public servant describes his/her status while exercising his/her duties.

responsable de l'institution doit donner suite à son recours endéans quinze (15) jours ouvrables dès la réception du recours.

Lorsque l'agent de l'Etat n'est pas satisfait par la décision prise, il peut introduire un recours, au dernier degré, auprès de la Commission dans un délai de cinq (5) jours ouvrables à compter de la notification de la décision. La Commission doit donner suite endéans trente (30) jours à compter de la réception du recours.

**__Section 2__: Fixation et application des heures de travail**

**__Article 15:__ Heures de travail**

Un arrêté du Ministre détermine les heures de travail hebdomadaire pour les agents de l'Etat et les modalités de leur application.

**__CHAPITRE IV__: POSITIONS STATUTAIRES D'UN AGENT DE L'ETAT**

**__Section première__: Position d'un agent de l'Etat**

**__Article 16__: Mobilité d'un agent de l'Etat**

La position d'un agent de l'Etat décrit sa situation pendant l'exercice de ses fonctions.

Umukozi wa Leta mu kazi ashobora kuba:

1° mu kazi;

2° yimuwe;

3° atijwe;

4° ashyizwe ahandi;

5° ahagaritswe ku kazi by'agateganyo;

6° ahagaritse akazi mu gihe kizwi.

**Akiciro ka mbere: Umukozi wa Leta mu kazi n'ufatwa nk'uri mu kazi**

**Ingingo ya 17: Umukozi wa Leta uri mu kazi**

Umukozi wa Leta aba ari mu kazi iyo ari mu mwanya w'umurimo yashyizwemo kandi akora koko imirimo ijyanye n'uwo mwanya.

Afatwa nk'umukozi uri ku kazi, umukozi wa Leta:

1° uri mu kiruhuko;

2° uri mu butumwa bw'akazi;

3° uri mu mahugurwa.

A public servant in service may be:

1° in service;

2° on transfer;

3° on secondment;

4° at another administration disposal;

5° on suspension of duties;

6° on leave of absence for a specific period.

**Sub-section One: Public servant in service and one considered to be in service**

**Article 17: Public servant in service**

A public servant shall be in active service if he/she occupies a position to which he/she was appointed and effectively performs his/her duties related to that position.

A public servant shall be considered to be in service when he/she is:

1° on leave;

2° on official mission;

Un agent de l'Etat en activité peut être placé dans l'une des positions suivantes:

1° en activité;

2° en mutation;

3° en détachement;

4° à la disposition d'un autre service;

5° en suspension de fonctions;

6° en mise en disponibilité pour une durée déterminée.

**Sous-section première: Agent de l'Etat en activité et celui considéré comme étant en activité**

**Article 17: Agent de l'Etat en activité**

Un agent de l'Etat est en activité lorsqu'il occupe le poste auquel il a été nommé et exerce effectivement les fonctions liées à ce poste d'emploi.

Est considéré comme étant en activité, l'agent de l'Etat :

1° en congé;

2° en mission officielle;

**Ingingo ya 18: Ubwoko bw'ibiruhuko**

Uretse ikiruhuko cya buri mwaka, umukozi wa Leta ashobora guhabwa ikiruhuko cy'ingoboka, icyo kubyara, icy'uburwayi cyangwa uruhushya.

**Ingingo ya 19: Ikiruhuko cy'umwaka**

Umukozi wa Leta afata ikiruhuko cy'umwaka gihwanye n'iminsi mirongo itatu (30) y'ukwezi, ashobora kugabanyamo inshuro zitarenze ebyiri (2).

Ikiruhuko cy'umwaka kibarwa bafashe iminsi ibiri n'igice (2.5) mu kwezi.

Icyakora, umukozi wa Leta ugitangira akazi afata ikiruhuko nyuma y'amezi cumi n'abiri (12) habariwemo igihe cy'igeragezwa.

**Ingingo ya 20: Igihe ntarengwa cyo gufata ikiruhuko cy'umwaka**

Iyo umwaka ushize umukozi wa Leta adashoboye gufata ikiruhuko kubera impamvu z'akazi kandi yaracyatse mu nyandiko, agomba kugifata mu kwezi kubanza k'umwaka ukurikiyeho.

3° in training.

**Article 18: Types of leave**

In addition to the annual leave, a public servant may receive an incidental leave, maternity, sick leave or authorized absence.

**Article 19: Annual leave**

A public servant shall be entitled to an annual leave of thirty (30) calendar days and may be split it into a maximum of two (2) portions.

The annual leave is calculated on the basis of two days and a half (2.5) per month.

However, a newly recruited public servant shall enjoy an annual leave after twelve (12) months including the probation period.

**Article 20: Deadline for taking annual leave**

When a public servant does not take his/her annual leave within a period of one year for work related reasons though he/she had applied for it in writing, he/she must take his/her annual leave in the first month of the subsequent year.

3° en formation.

**Article 18: Types de congé**

Outre le congé annuel, un agent de l'Etat peut bénéficier d'un congé de circonstances, de maternité, de maladie ou d'une permission d'absence.

**Article 19: Congé annuel**

L'agent de l'Etat bénéficie d'un congé annuel de trente (30) jours calendriers qui peut être fractionné en deux (2) tranches au maximum.

Le congé annuel est calculé sur base de deux jours et demi (2.5) par mois.

Toutefois, un agent de l'Etat nouvellement engagé ne bénéficie de son congé annuel qu'après douze (12) mois y compris la période de stage probatoire.

**Article 20: Date limite de prise de congé annuel**

Lorsqu'une période d'une année expire sans qu'un agent de l'Etat ait bénéficié de son congé annuel pour des raisons de service alors qu'il en a fait la demande par écrit, il doit en bénéficier dans le premier mois de l'année suivante.

**Ingingo ya 21: Ikiruhuko cy'ingoboka**

Umukozi wa Leta ahabwa ibiruhuko by'ingoboka kandi agakomeza guhembwa, kubera ibintu byiza cyangwa ibyago byabaye mu muryango we, mu buryo bukurikira :

1° ishyingirwa ry'umukozi imbere y'Amategeko: iminsi ibiri (2) y'akazi y'ikiruhuko;

2° iyo umugore we yabyaye: iminsi ine (4) y'akazi y'ikihuruko;

3° iyo uwo bashakanye yapfuye: iminsi itandatu (6) y'akazi y'ikihuruko;

4° iyo umubyeyi ku gisanira cya mbere, yapfuye: iminsi itatu (3) y'akazi y'ikihuruko;

5° iyo umwana w'umukozi ku gisanira cya mbere cyangwa umwana abereye umubyeyi mu buryo bwemewe n'amategeko yapfuye: iminsi ine (4) y'akazi y'ikiruhuko;

6° iyo umuvandimwe uvukana n'umukozi ku gisanira cya mbere yapfuye: iminsi ibiri (2) y'akazi y'ikiruhuko;

7° iyo sebukwe cyangwa nyirabukwe yapfuye: iminsi ibiri (2) y'akazi

**Article 21: Incidental leave**

A public servant shall enjoy incidental leave on full pay in case of fortunate or unfortunate events occurring in his/her family within the following limits:

1° employee's civil marriage: two (2) working days;

2° in case of his wife's delivery: four (4) working days;

3° in case of death of his/her spouse: six (6) working days;

4° in case of death of the first-degree ascendant: three (3) working days;

5° in case of death of the employee's child in the direct line in the first degree or adoptive child: four (4) working days;

6° in case of death of the employee's brother or sister in the direct line in the first degree: two (2) working days;

7° in case of death of the employee's father-in-law or mother-in-law: two

**Article 21: Congé de circonstance**

Un agent de l'Etat bénéficie des congés de circonstance payés à l'occasion des événements heureux ou malheureux survenus dans sa famille, dans les limites suivantes :

1° en cas de mariage civil de l'agent : deux (2) jours ouvrables;

2° en cas d'accouchement de son épouse : quatre (4) jours ouvrables;

3° en cas de décès du conjoint: six (6) jours ouvrables;

4° en cas de décès d'un ascendant au premier degré: trois (3) jours ouvrables;

5° en cas de décès d'un enfant de l'agent en ligne directe au premier degré ou d' un enfant adoptif: quatre (4) jours ouvrables;

6° en cas de décès d'un frère ou d'une sœur de l'agent en ligne directe au premier degré: deux (2) jours ouvrables;

7° en cas de décès du beau–père ou de la belle-mère: deux (2) jours ouvrables.

y'ikihuruko.

**Ingingo ya 22: Ikiruhuko cyo kubyara**

Umugore wabyaye afite uburenganzira ku kiruhuko cyo kubyara kingana n'ibyumweru cumi na bibiri (12) bikurikirana, birimo nibura bibiri (2) ashobora gufata mbere yo kubyara.

Umugore ushaka kujya mu kiruhuko cyo kubyara agomba guha umuyobozi ubifitiye ububasha icyemezo cya muganga wemewe na Leta kigaragaza itariki ashobora kubyariraho, mbere yo gutangira ikiruhuko cyo kubyara, cyangwa itariki nyayo yabyariyeho akimara kubyara.

Umugore wabyaye umwana upfuye cyangwa upfushije umwana utaramara ukwezi ahabwa ikiruhuko cy'ibyumweru bine (4) uhereye igihe ibi byabereye.

**Ingingo ya 23: Umushahara w'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara**

Umugore wabyaye afite uburenganzira ku mushahara we wose mu gihe cy'ibyumweru bitandatu (6) bya mbere by'ikiruhuko cyo kubyara. Mu byumweru bitandatu (6) bya nyuma by'ikiruhuko cyo kubyara, umugore ashobora kugaruka ku kazi ke akabona umushahara we wose, iyo bitabaye ibyo, agira uburenganzira

(2) working days.

**Article 22: Maternity leave**

A female employee who gives birth shall have the right to maternity leave of twelve (12) consecutive weeks including at least two (2) weeks she can enjoy before delivery.

A female employee who wishes to take her maternity leave shall submit to the competent authority a certificate issued by a recognized medical doctor indicating the presumed or exact date of childbirth before taking the leave or immediately after childbirth, as appropriate.

A female employee who gives birth to a still-born baby or whose baby dies before a period of one month shall receive a leave of four (4) weeks from the occurrence of the event.

**Article 23: Salary during maternity leave**

A female employee who gives birth shall be entitled to her full salary during the first six (6) weeks of maternity leave. She may return to work during the last six (6) weeks of maternity leave and be entitled to her full salary, otherwise she shall only gets twenty percent (20%) of her salary.

**Article 22: Congé de maternité**

Un agent de sexe féminin qui accouche a droit à un congé de maternité de douze (12) semaines consécutives dont au moins deux (2) semaines qu'elle peut prendre avant l'accouchement.

Un agent de sexe féminin qui désire prendre son congé de maternité doit soumettre à l'autorité compétente un certificat délivré par un médecin agréé indiquant la date présumée de l'accouchement ou la date exacte d'accouchement avant de prendre son congé ou immédiatement après son accouchement, selon le cas.

Un agent de sexe féminin qui accouche d'un mort-né ou celle dont un bébé meurt avant un mois de sa naissance, bénéficie d'un congé de quatre (4) semaines à compter de la survenance de l'événement.

**Article 23: Salaire pendant le congé de maternité**

Un agent de sexe féminin qui accouche a droit à la totalité de son salaire pendant les six (6) premières semaines de son congé de maternité. Elle peut, dans les six (6) dernières semaines de son congé de maternité, reprendre son travail et bénéficier de la totalité de son salaire, faute de quoi il ne bénéficie que de vingt pourcent (20%)

bungana na makumyabiri ku ijana (20%) ku mushahara we.

**Ingingo ya 24: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane**

Iyo hari ingorane zibayeho zishingiye ku kubyara, zaba ku mugore wabyaye cyangwa ku mwana yabyaye bikemezwa na muganga wemewe na Leta, umuyobozi ubifitiye ububasha aha umugore wabyaye ikiruhuko cy'inyongera kitarengeje ukwezi kumwe (1) kandi gihemberwa ijana ku ijana (100%).

Ikiruhuko cy'inyongera cy'iminsi makumyabiri (20) y'ukwezi yiyongera ku biruhuko by'ingoboka gihabwa se w'umwana iyo nyina w'umwana apfuye abyara agasiga uruhinja.

**Ingingo ya 25: Impurirane y'ibiruhuko**

Iyo ikiruhuko cy'umwaka gihuye n'ikiruhuko cy'ingoboka cyangwa ikiruhuko cyo kubyara, ikiruhuko cy'umwaka kirasubikwa kikazakomeza nyuma y'ikiruhuko cy'ingoboka cyangwa icyo kubyara.

**Ingingo ya 26: Igihe cyo konsa**

Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye ku ivuka ry'umwana, kandi nyuma y'ikiruhuko cyo kubyara, umugore wabyaye agira uburenganzira bwo gufata ikiruhuko cy'isaha imwe (1) ku munsi,

**Article 24: Additional leave in case of complication**

In case of birth related complications for the mother or the child which are ascertained by a recognized medical doctor, the competent authority shall grant to the mother an additional leave not exceeding one month paid at hundred per cent (100%).

An additional leave of twenty (20) calendar days in addition to incidental leaves shall be granted to the father of the child when the child's mother dies in childbirth, leaving behind her baby.

**Article 25: Coincidence of leaves**

When the annual leave coincides with incidental leave or maternity leave, the annual leave shall be suspended and resume after the incidental leave or maternity leave.

**Article 26: Breastfeeding period**

Within twelve (12) months from the birth of the child and after her maternity leave, a female employee who gives birth shall be entitled to breastfeeding breaks of one (1) hour per day.

de son salaire.

**Article 24: Congé supplémentaire en cas de complication**

En cas de complications chez la mère ou chez l'enfant qui sont imputables à l'accouchement et constatées par un médecin agréé, l'autorité compétente accorde à la mère un congé supplémentaire ne dépassant pas un mois et payé à cent pour cent (100%).

Un congé supplémentaire de vingt (20) jours calendriers qui s'ajoutent aux congés de circonstance est accordé au père de l'enfant lorsque la mère de l'enfant décède lors de l'accouchement laissant derrière elle son bébé.

**Article 25: Congés coïncidents**

En cas de coïncidence du congé annuel et du congé de circonstance ou du congé de maternité, le congé annuel est suspendu et repris après le congé de circonstance ou le congé de maternité.

**Article 26: Période d'allaitement**

Durant la période de douze mois (12) à compter de la naissance de l'enfant et après son congé de maternité, un agent de l'Etat de sexe féminin qui accouche a droit à une pause d'allaitement

kugira ngo yonse umwana.

Icyakora, umugore ugarutse ku kazi nyuma y'ibyumweru bitandatu (6) bya mbere by'ikiruhuko cyo kubyara, agira uburenganzira ku kiruhuko cy'amasaha abiri (2) yo konsa kugeza ibyumweru bitandatu (6) bya nyuma by'ikiruhuko cyo kubyara birangiye.

Ikiruhuko umugore wonsa yemererwa n'amategeko agifata ku masaha y'akazi kandi agomba kugihemberwa.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Ikiruhuko kigufi cy'uburwayi**

Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora guha umukozi wa Leta ikiruhuko kigufi cy'uburwayi kitarengeje iminsi cumi n'itanu (15) kubera impamvu z'uburwayi zemejwe na muganga wemewe na Leta.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Ikiruhuko kirekire cy'uburwayi**

Iyo ikiruhuko cy'uburwayi kirengeje iminsi cumi n'itanu (15) bigatangirwa icyemezo n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta, umuyobozi ubifitiye ububasha aha umukozi wa Leta ikiruhuko kirekire cy'uburwayi kidashobora kurenza amezi atandatu (6), bikamenyeshwa Komisiyo**.**

Umukozi wa Leta uri mu kiruhuko kirekire cy'uburwayi, afite uburenganzira ku mushahara we wose mu gihe cy'amezi atatu (3) abanza. Mu

However, a female employee who returns to work at the expiration of the first six (6) weeks of maternity leave shall be entitled to breastfeeding breaks of two (2) hours per day until the expiration of the last six (6) weeks of maternity leave.

The statutory breastfeeding break granted to a breastfeeding women shall be taken during working hours and must be paid for.

**<u>Article 27:</u> Short-term sick leave**

A competent authority may grant to a public servant a short-term sick leave not exceeding fifteen (15) days for reasons of sickness ascertained by a recognized medical doctor.

**<u>Article 28</u>: Long-term sick leave**

When a sick leave exceeds fifteen (15) days while ascertained by a medical committee composed of three (3) recognized medical doctors, the competent authority shall grant to a public servant a long-term sick leave not exceeding six (6) months and notification thereof shall be made to the Commission.

A public servant who is granted a long-term sick leave shall be entitled to his/her full salary during the first three (3) months of the leave. In

d'une (1) heure par jour.

Toutefois, un agent de sexe féminin qui reprend son travail à l'expiration des six (6) premières semaines de son congé de maternité a droit à une pause d'allaitement de deux (2) heures par jour jusqu'à l'expiration des six (6) dernières semaines du congé de maternité .

La pause d'allaitement statutairement accordée à une femme allaitante est prise pendant les heures de travail et doit être payée.

**<u>Article 27</u>: Congé de maladie de courte durée**

Une autorité compétente peut accorder à un agent de l'Etat un congé de maladie de courte durée de quinze (15) jours au maximum pour des raisons de maladie attestée par un médecin agréé.

**<u>Article 28</u>: Congé de maladie de longue durée**

Lorsque le congé de maladie dépasse (15) jours et qu'il est constaté par une commission médicale composée de trois (3) médecins agréés, l'autorité compétente accorde à un agent de l'Etat un congé de maladie de longue durée ne dépassant pas six (6) mois et la Commission en est informée.

Un agent de l'Etat qui bénéficie d'un congé de maladie de longue durée a droit à la totalité de son salaire pendant les trois (3) premiers mois

gihe cy'amezi atatu (3) asigaye ahembwa bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara we.

**Ingingo ya 29: Uruhushya**

Uruhushya rutarengeje umunsi umwe (1) rutavanwa mu minsi y'ikiruhuko cy'umwaka rushobora guhabwa umukozi wa Leta, iyo amaze kwerekana impamvu ifatika ituma arusaba kandi akaruhabwa n'umukuriye mu kazi.

Icyakora umukozi wa Leta ntashobora kurenza iminsi cumi (10) y'uruhushya mu mwaka.

**Ingingo ya 30: Iminsi y'ikiruhuko rusange iteganywa n'amategeko**

Iteka rya Perezida rishyiraho iminsi y'ikiruhuko rusange.

**Ingingo ya 31: Ubutumwa**

Mu nyungu z'akazi, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kohereza umukozi wa Leta mu butumwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Iteka rya Perezida rigena uburyo abakozi ba Leta bajya mu butumwa.

**Ingingo ya 32: Amahugurwa**

Mu nyungu z'akazi, umuyobozi ubifitiye

the remaining three months (3), he/she shall be paid two-thirds (2/3) of his/her salary.

**Article 29: Authorized absence**

Authorized absence for (1) one day maximum not deducted from annual leave may be granted to a public servant by his/her immediate supervisor, for duly justified reasons.

However, a public servant shall not be granted an authorized absence for more than ten (10) days per year.

**Article 30: Official public holidays**

A Presidential Order shall determine official public holidays.

**Article 31: Mission**

A competent authority may send a public servant on mission within or outside the country in the interest of service.

A Presidential Order shall determine modalities for sending public servants on mission.

**Article 32: Training courses**

A competent authority may, in the interest of

de ce congé. Pendant les trois (3) mois restant, il reçoit deux tiers (2/3) de son salaire.

**Article 29: Permission d'absence**

La permission d'absence d'une (1) journée au maximum non déductible du congé annuel est accordée à un agent de l'Etat par son supérieur hiérarchique pour des motifs dûment justifiés.

Toutefois, un agent de l'Etat ne peut bénéficier de plus de dix (10) jours de permission d'absence par an.

**Article 30: Jours fériés officiels**

Un arrêté présidentiel détermine les jours fériés officiels.

**Article 31: Mission**

Une autorité compétente peut envoyer un agent de l'Etat, dans l'intérêt du service, en mission à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'envoi des agents de l'Etat en mission.

**Article 32: Formation**

Une autorité compétente peut, dans l'intérêt du

ububasha ashobora koherezwa umukozi wa Leta mu mahugurwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho uburyo ayo mahugurwa anyuranye akorwa.

**Akiciro ka 2: Kwimurwa**

**Ingingo ya 33: Kwimurwa k'umukozi wa Leta**

Umukozi wa Leta agomba gukora ku mwanya w'umurimo yashyizweho.

Icyakora, kubera inyungu z'akazi, umukozi wa Leta ashobora kwimurirwa ku mwanya w'umurimo yujurije ibisabwa kandi uhuje intera n'uwo yarasanzweho, mu rwego akorera cyangwa mu rundi rwego rwa Leta.

Kwimurwa k'umukozi wa Leta byemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha kubera inyungu z'akazi, kandi bikorwa mu buryo bw'inyandiko.

Umukozi wa Leta wimuwe agumana uburenganzira ku ntera yari agezeho hashingiwe ku burambe n'imikorere afite mu kazi.

Iyo kwimura umukozi bituma hari umwanya usigara nta mukozi uwurimo, uwo mwanya ushakirwa undi mukozi, hakurikijwe uburyo bwo

service, send a public servant on training courses within or outside the country.

A Prime Minister's Order shall determine modalities for the conduct of various training courses.

**Sub-section 2: Transfer**

**Article 33: Transfer of a public servant**

A public servant must occupy the job position to which he/she has been appointed.

However, a public servant may, in the interest of service, be transferred to the job position for which he/she qualifies and of the same grade as his/her usual job position either within his/her institution or another public institution.

The transfer of a public servant shall be decided by the competent authority in the interest of service and shall be in writing.

A public servant who is transferred shall retain his/her right to the grade previously held depending on his/her professional experience and performance.

When the transfer gives rise to a vacant post, such post shall be filled in accordance with public servants recruitment and appointment

service, envoyer un agent de l'Etat en formation à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités de déroulement de ces différentes formations.

**Sous-section 2: Mutation**

**Article 33: Mutation d'un agent de l'Etat**

Un agent de l'Etat doit occuper le poste d'emploi auquel il a été nommé.

Toutefois, un agent de l'Etat peut, dans l'intérêt du service, être muté au poste d'emploi pour lequel il remplit les conditions requises et du même grade que celui de son poste d'emploi habituel que ce soit au sein de son institution ou d'une autre institution publique.

La mutation d'un agent de l'Etat est décidée par l'autorité compétente dans l'intérêt du service et se fait par écrit.

Un agent de l'Etat muté conserve son droit au grade précédemment détenu en fonction de son expérience professionnelle et sa performance.

Lorsque la mutation entraîne la vacance d'un poste d'emploi , un autre agent est recruté pour occuper ce poste conformément au processus de

gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba Leta buteganywa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 34: Guhindura umwanya w'umurimo binyuze mu ipiganwa**

Umukozi wa Leta agomba gukora ku mwanya w'umurimo yashyizweho.

Icyakora, Umukozi wa Leta umaze nibura imyaka itatu (3) ku mwanya w'umurimo yashyizweho ashobora guhindura umwanya w'umurimo yakoragaho akajya ku wundi mwanya w'umurimo mu butegetsi bwa Leta, iyo uwo mukozi yatsindiye umwanya ashaka kujyaho kandi akawemererwa hakurikijwe uburyo bwo gushaka no gushyira mu myanya Abakozi, buteganywa n'iri tegeko.

Iyo guhindura umwanya w'umurimo bituma umukozi ahindura urwego yakoreraga, uwo mukozi agomba kumenyesha mu nyandiko umuyobozi ubifitiye ububasha ko agiye gukora ku wundi mwanya w'umurimo mu Butegetsi bwa Leta.

**Akaciro ka 3: Itizwa**

**Ingingo ya 35: Itizwa ry'umukozi wa Leta**

Itizwa ni igihe umukozi wa Leta, kubera inyungu z'Igihugu, akurwa by'agateganyo ku mwanya w'umurimo yari asanzwe arimo kugira ngo:

process provided for in this Law.

**Article 34: Change of a job position through competition**

A public servant must occupy the job position to which he/she has been appointed.

However, a public servant having completed three (3) years of service in a job position to which he/she was appointed may move from that position to another one within the public service if he/she is selected for that position he/she wishes to occupy and shall be appointed to it in accordance with the recruitment and appointment process provided for in this Law.

When moving to another job position demands that the public servant move to a different institution, such public servant must inform the competent authority in writing that he/she is moving to another post within the public service.

**Sub-section 3: Secondment**

**Article 35: Secondment of a public servant**

Secondment shall refer to a situation where a public servant is, in the interest of the country, temporarily transferred from his/her usual post in order to:

recrutement et de nomination des agents de l'Etat prévu par la présente loi.

**Article 34 : Changement de poste d'emploi par concours**

Un agent de l'Etat doit occuper le poste de d'emploi auquel il a été nommé.

Toutefois, un agent de l'Etat ayant réalisé trois (3) ans de service au poste d'emploi auquel il a été nommé peut changer ce poste pour occuper un autre au sein de la fonction publique lorsqu'il a été retenu pour ce poste qu'il désire occuper et y a été nommé conformément au processus de recrutement et de nomination des agents de l'Etat prévu par la présente loi.

Lorsque le changement de poste d'emploi exige que l'agent change son institution, il doit informer l'autorité compétente par écrit pour lui notifier qu'il va occuper un autre poste d'emploi au sein de la fonction publique.

**Sous-section 3: Détachement**

**Article 35: Détachement d'un agent de l'Etat**

Le détachement est une situation dans laquelle un agent de l'Etat est, dans l'intérêt du pays, muté provisoirement de son poste habituel pour :

1° akore mu kigo Leta ifitemo inyungu;

2° akore mu kigo cyigenga gifitanye amasezerano na Leta;

3° akore mu muryango mpuzamahanga.

Itizwa ryemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha kandi rikorwa mu buryo bw'inyandiko.

**<u>Ingingo ya 36</u>: Igihe cy'itizwa**

Igihe cy'itizwa ntikigomba kurenza amezi cumi n'abiri (12).

Umukozi wa Leta utijwe agengwa n'amategeko y'ikigo cyangwa umuryango yatijwemo.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Kurangiza itizwa**

Iyo gutizwa birangiye bidatewe n'impamvu z'ibihano, umukozi wa Leta watijwe asubira mu rwego rwa Leta rwamutije kandi igihe yamaze atijwe kikitabwaho mu kumushyira mu mwanya no kumuha uburenganzira bujyanye na byo.

1° work for an institution in which the Government has interest;

2° work for a private institution bound to the Government by a convention;

3° work for an international organisation.

Secondment shall be decided by the competent authority and shall be in writing.

**<u>Article 36</u>: Duration of secondment**

The duration of secondment shall not exceed twelve (12) months.

A public servant on secondment shall be governed by regulations of the institution or organization to which he/she is seconded.

**<u>Article 37</u>: End of secondment**

If the secondment comes to an end as not a result of disciplinary sanctions, the public servant on secondment shall get back to his/her original public institution and the period of secondment shall be taken into consideration in his/her positioning and in granting him/her related benefits.

1° travailler au sein d'une institution dans laquelle l'Etat a des intérêts ;

2° travailler au sein d'une institution privée liée à l'Etat par une convention ;

3° travailler au sein d'une organisation internationale.

Le détachement est décidé par l'autorité compétente et se fait par écrit.

**<u>Article 36</u>: Durée du détachement**

La durée du détachement ne peut dépasser douze (12) mois.

Un agent de l'Etat détaché est régi par les règlements de l'institution ou de l'organisation à laquelle il est détaché.

**<u>Article 37</u>: Fin du détachement**

Si la fin du détachement a lieu sans être occasionnée par les sanctions disciplinaires, l'agent de l'Etat détaché regagne l'institution publique qui l'a détaché et la période de détachement est prise en compte dans son positionnement ainsi que pour les avantages y afférents.

**Akiciro ka 4: Gushyirwa ahandi**

**Ingingo ya 38: Gushyirwa ahandi k'umukozi wa Leta**

Gushyirwa ahandi ni igihe umukozi wa Leta, kubera inyungu z'Igihugu, ashyirwa mu rundi rwego rwa Leta cyangwa mu kigo giharanira guteza imbere abaturage, agakomeza kugengwa n'amategeko y'urwego rwamwohereje.

Gushyirwa ahandi byemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha kandi bikorwa mu buryo bw'inyandiko.

Mu gihe umukozi yashyizwe ahandi, ahembwa n'urwego rumwe hitawe ku mushahara usumba undi.

**Ingingo ya 39: Irangira ryo gushyirwa ahandi**

Iyo igihe cyo gushyirwa ahandi kirangiye bidatewe n'impamvu z'ibihano, urwego umukozi wa Leta yashyizwemo rumwohereza mu rwego rwamwohereje agasubira mu kazi cyangwa agashakirwa umwanya ahandi mu butegetsi bwa Leta.

**Sub-section 4: Placement at another administration disposal**

**Article 38: Placement of a public servant at another administration disposal**

Placement at another administration disposal shall be a situation where a public servant is, in the interest of the country, transferred to another public institution or another entity dedicated to ensuring the development of the population while remaining governed by laws of the institution having transferred him/her.

The placement at another administration disposal shall be decided by the competent authority and shall be in writing.

When an employee is subject to placement at another administration disposal, he/she shall have his/her salary paid by one of the two institution taking into account the highest salary.

**Article 39: End of placement at another administration disposal**

When the placement at another administration disposal comes to an end not as a result of disciplinary sanctions, the institution to which the public servant was placed shall return him/her to his/her institution of origin for him/her to resume work or else, he/she shall be appointed to another post in public service.

**Sous-section 4: Mise à la disposition d'un autre service**

**Article 38: Mise à la disposition d'un autre service d'un agent de l'Etat**

La mise à la disposition d'un autre service est la situation dans laquelle un agent de l'Etat est, dans l'intérêt du pays, muté dans une autre entité de la Fonction Publique ou dans une entité ayant pour vocation d'assurer le développement de la population tout en continuant d'être régi par les lois de l'institution qui l'a mis à disposition.

La mise à la disposition d'un autre service est décidée par l'autorité compétente et se fait par écrit.

Lorsqu'un agent est mis à disposition, il est payé par l'une des deux institutions en considération du meilleur salaire.

**Article 39: Fin de la mise à la disposition d'un autre service**

Lorsque la mise à la disposition d'un autre service se termine suite aux motifs autres que ceux de sanctions disciplinaires, l'institution à la disposition de laquelle l'agent de l'Etat a été mis le retourne à son institution d'origine pour y reprendre son travail ou est affecté à un autre poste d'emploi au sein de la fonction publique.

**Akiciro ka 5: Guhagarikwa by'agateganyo**

**Ingingo ya 40: Impamvu z'ihagarikwa ry'agateganyo**

Umukozi wa Leta ahagarikwa by'agateganyo ku murimo kubera impamvu zikurikira:

1° iyo afunzwe by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu (6);

2° iyo akurikiranyweho ikosa rishobora gutuma ahabwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri;

3° iyo umurimo umukozi yakoraga uvanywe ku mbonerahamwe y'imirimo agishakirwa akandi kazi cyangwa ibisabwa ku mwanya yari ariho bihindutse akaba atabyujuje;

4° iyo avanywe mu mwanya udapiganirwa ntahite ahabwa akandi kazi.

**Ingingo ya 41: Uburenganzira bw'umukozi wahagaritswe by'agateganyo**

Umushahara w'umukozi uvugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'ingingo ya 40 y'iri itegeko, ukomeza kubarwa akanawubikirwa. Mu mezi atatu (3) ya mbere, abarirwa umushahara we wose, mu mezi atatu (3) ya nyuma akurikira, akabarirwa bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara.

**Sub-section 5: Suspension from duties**

**Article 40: Reasons for suspension from duties**

A public servant shall be suspended from duties due to the following reasons:

1° if he/she is provisionally detained for a period not exceeding six (6) months;

2° if he/she is subject to disciplinary proceedings for misconduct that may result in a second degree sanction;

3° if his/her usual post is removed from the organizational structure while the process of finding him/her another post is underway or the required profile for his/her usual post changes and he/she does not meet the new required profile;

4° if he/she is removed from a post filled without competition and is not immediately offered another post.

**Article 41: Rights of a public servant suspended from duties**

The salary of a public servant referred to under points 1° et 2° of Article 40 of this Law shall continue to be calculated and retained for the employee. For the first three (3) months his/her full salary shall be calculated whereas for the last three (3) months two-thirds (2/3) of his/her

**Sous-section 5: Suspension des fonctions**

**Article 40: Motifs de suspension des fonctions**

Un agent de l'Etat est suspendu de ses fonctions pour les motifs suivants :

1° s'il est détenu provisoirement pour une période ne dépassant pas six (6) mois;

2° s'il est poursuivi pour une faute susceptible d'entraîner une sanction disciplinaire de second degré;

3° si son poste habituel est supprimé du cadre organique alors que la démarche pour lui trouver un autre poste est en cours ou le profil exigé pour son poste habituel change et qu'il ne remplit pas les conditions liées au nouveau profil;

4° s'il est démis d'un poste non soumis au concours sans être immédiatement affecté à un autre poste.

**Article 41: Droits d'un agent de l'Etat suspendu de ses fonctions**

Le salaire de l'agent visé aux points 1° et 2° de l'article 40 de la présente loi continue d'être calculé et conservé pour l'agent. Dans les trois (3) premiers mois, son salaire est calculé intégralement, alors que pour les trois (3) derniers mois suivants l'on calcule pour lui deux

Iyo umukozi afunguwe ari umwere cyangwa iyo nta kosa ritamuhamye, ahabwa imishahara ye uko yayibikiwe.

Iyo icyaha kimuhamye cyangwa ikosa rimuhamye, atakaza uburenganzira ku mishahara yari yabikiwe yose.

Umukozi wahagaritswe by'agateganyo uvugwa mu gace ka 3° n'aka 4° tw'ingingo ya 40 y'iri tegeko, ahabwa, mu gihe cy'amezi atandatu (6), bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara bwite w'intera yari agezeho. Uyu mushahara uhagarara gusa iyo umukozi wa Leta abonye undi mwanya w'akazi uhoraho mu butegetsi bwa Leta.

Iyo igihe cy'amezi atandatu (6) kirangiye kirangiye, umukozi atabonye umwanya w'akazi uhoraho mu butegetsi bwa Leta, asezererwa nta mpaka mu bakozi ba Leta, agahabwa amafaranga y'imperekeza, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 95 y'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Igihe ihagarikwa ry'agateganyo rimara**

Igihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo ku murimo ntigishobora kurenza amezi atandatu (6).

salary shall be calculated.

If the public servant is released following acquittal or in case of innocence with regard to disciplinary charges against him/her, he/she shall receive the salary retained for him/her.

If he/she is found guilty, he/she shall not be entitled to the salary that was retained for him/her.

A public servant suspended from duties referred to in points 3º and 4º of Article 40 of this Law shall receive two-thirds (2/3) of his/her net salary corresponding to his/her latest grade for a period of six (6) months. The payment of this salary shall stop only when a public servant finds another permanent job in public service.

Upon expiration of a period of six (6) months without finding another permanent job in public service, the public servant shall be automatically removed from public service and receive termination benefits in accordance with provisions of Article 95 of this Law.

**<u>Article 42</u>: Period of suspension from duties**

The period of suspension from duties shall not exceed six (6) months.

tiers (2/3) de son salaire.

Si l'agent est remis en liberté à la suite d'un acquittement ou en cas d'innocence à l'égard de la faute disciplinaire, il reçoit le salaire conservé pour lui.

S'il est reconnu coupable, il perd son droit à tout le salaire qui a été conservé pour lui.

L'agent suspendu visé aux points 3º et 4º de l'article 40 bénéficie de deux tiers (2/3) du salaire net correspondant à son dernier grade pendant six (6) mois. Le paiement de ce salaire ne s'arrête que lorsque l'agent de l'Etat trouve un autre emploi permanent au sein de la fonction publique.

A l'expiration du délai de six (6) mois sans que l'agent de l'Etat ait trouvé un autre emploi permanent au sein de la fonction publique, il est démis d'office de la fonction publique et bénéficie des indemnités de départ conformément aux dispositions de l'article 95 de la présente loi.

**<u>Article 42</u>: Durée de suspension des fonctions**

La durée de suspension des fonctions ne peut excéder six (6) mois.

**Ingingo ya 43: Ububasha bwo guhagarika umukozi wa Leta by'agateganyo**

Ihagarikwa ry'agateganyo ku kazi ryemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha w'urwego umukozi uhagarikwa akoramo.

**Ingingo ya 44: Irangira ry'ihagarikwa ry'agateganyo**

Ihagarikwa ry'agateganyo ku kazi ry'umukozi wa Leta rirangira iyo:

1° umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 1° k'ingingo ya 40 y'iri tegeko asubijwe mu kazi kubera ko agizwe umwere cyangwa akatiwe igifungo kiri munsi y'amezi atandatu (6) kandi atarasezererwa nta mpaka;

2° umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 2° k'ingingo ya 40 y'iri tegeko, asubijwe mu kazi ;

3° umukozi wa Leta abonewe umurimo mu butegetsi bwa Leta mu gihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo rishingiye ku mpamvu zivugwa mu gace ka 3° n'aka 4 tw'ingingo ya 40 y'iri tegeko;

4° yirukanwe cyangwa asezerewe nta mpaka mu bakozi ba Leta.

**Article 43: Power to suspend a public servant from duties**

Suspension from duties of a public servant shall be approved by the competent authority of his/her employing institution.

**Article 44: End of suspension from duties**

The suspension from duties of a public servant shall come to an end if:

1° the public servant referred to in point 1° of Article 40 of this Law, is reinstated as result his/her acquittal or an imprisonment of less than six (6) months when he/she has not been automatically removed from office;

2° the public servant referred to in point 2° of Article 40 of this Law, is reinstated;

3° the public servant is offered another post in public service in case of suspension from duties based on reasons provided for in points 3° and 4° of Article 40 of this Law ;

4° he/she is dismissed or automatically removed from office.

**Article 43: Compétence pour suspendre un agent de l'Etat de ses fonctions**

La suspension de fonction de l'agent de l'Etat est approuvée par l'autorité compétente de l'institution qui l'emploie.

**Article 44: Fin de la suspension des fonctions**

La suspension des fonctions de l'agent de l'Etat prend fin si:

1° l'agent de l'Etat visé au point 1° de l'article 40 de la présente loi, est rétabli dans ses fonctions suite à l'acquittement ou condamnation d'une peine d'emprisonnement de moins de six (6) mois alors qu'il n'a pas été démis d'office;

2° l'agent de l'Etat visé au point 2° de l'article 40 de la présente loi, est rétabli dans ses fonctions;

3° l'agent de l'Etat obtient un autre poste au sein de la fonction publique pour la suspension des fonctions due aux raisons visées aux points 3° et 4° de l'article 40 de la présente loi,

4° il est révoqué ou démis d'office de ses fonctions.

**Akiciro ka 6: Guhagarika akazi mu gihe kizwi**

**Ingingo ya 45: Guhagarika akazi mu gihe kizwi**

Guhagarika akazi mu gihe kizwi ni igihe Umukozi wa Leta yemererwa guhagarika imirimo ye mu gihe kizwi kubera impamvu zikurikira:

1° igihe kitarenze amezi atatu (3) kubera kurwaza uwo bashakanye byemewe n'amategeko, umubyeyi cyangwa umwana w'umukozi ku gisanira cya mbere;

2° igihe kitarenze ukwezi kumwe (1) kubera guherekeza uwo bashakanye byemewe n'amategeko, wimukiye mu mahanga kubera impamvu z'akazi.

Umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kizwi ntagira uburenganzira ku mushahara n'ibindi yagenerwaga mu rwego rw'akazi.

Iyo igihe cy'ihagarika ry'akazi mu gihe kizwi kirangiye umukozi wa Leta asubira mu mwanya w'umurimo yakoragaho. Umukozi wa Leta utagarutse nyuma y'igihe cyagenwe kandi nta mpamvu izwi afatwa nk'uwataye akazi.

**Sub-section 6: Leave of absence for a specific period**

**Article 45: Leave of absence for a specific period**

Leave of absence for a specific period is a situation where a public servant is authorized to stop working for a specific period of time due to any of the following reasons:

1° a period not exceeding three (3) months to care for his/her sick spouse, parent or child in the first degree;

2° a period not exceeding one (1) month to accompany his/her spouse who has to live abroad for reasons of service.

A public servant authorized for leave of absence for a specific period shall not be entitled to his/her salary and r fringe benefits.

When the period for leave of absence for a specific period comes to an end, the public servant shall resume his/her duties. A public servant who does not resume his/her duties after the expiry of such a period shall be considered as deserter.

**Sous-section 6: Mise en disponibilité pour une durée déterminée**

**Article 45: Mise en disponibilité pour une durée déterminée**

La mise en disponibilité pour une durée déterminée est une situation dans laquelle un agent de l'Etat est autorisé à suspendre ses fonctions pour une période déterminée pour l'une des raisons suivantes:

1° une durée de trois (3) mois au maximum en vue de s'occuper de son conjoint, de son parent ou de son enfant au premier degré qui est maladie;

2° une durée d'un (1) mois au maximum en vue de tenir compagnie à son conjoint qui doit aller s'établir à l'étranger pour des raisons de service.

Un agent de l'Etat autorisé à la mise en disponibilité pour une durée déterminée n'a pas droit au salaire et à d'autres avantages liés au service.

Lorsque la durée de la mise en disponibilité pour une durée déterminée se termine, l'agent de l'Etat reprend son poste. Un agent de l'Etat qui ne reprend pas son poste après l'expiration du délai prévu est pris comme déserteur.

**Ingingo ya 46: Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kizwi**

Guhagarika akazi mu gihe kizwi bikorwa mu nyandiko yohererezwa umuyobozi ubifitiye ububasha, kandi umukozi akabihererwa icyemezo cy'iyakira.

Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kutemerera umukozi wa Leta guhagarika akazi mu gihe kizwi kubera inyungu z'akazi.

Umukozi wa Leta usabye guhagarika akazi mu gihe kizwi aba agumye ku mirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo cyerekeranye n'ibyo yasabye.

Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye umunsi umuyobozi ubifiye ububasha yaboneyeho ibaruwa ibisaba, kandi umukozi wa Leta atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kizwi bifatwa ko byemewe.

**Icyiciro cya 2: Isuzumabushobozi**

**Ingingo ya 47: Isuzumabushobozi ry'abakozi ba Leta**

Isuzumabushobozi rigamije kugaragariza ubuyobozi imiterere y'umukozi wa Leta, ubushobozi bwe n'ukuntu akora. Ni ryo rishingirwaho kugira ngo umukozi wa Leta agire uburenganzira bwo kuva mu cyiciro

**Article 46: Modalities for leave of absence for a specific period**

Leave of absence for a specific period shall be done by written notification to the competent authority against acknowledgment of receipt.

The competent authority may not grant a leave of absence for a specific period to a public servant in the interest of the service.

A public servant applying for leave of absence for a specific period shall continue to discharge his/her duties until the response to his/her application.

However, if no written response is given to the public servant's application after the expiry of fifteen (15) days from the receipt of the application by the competent authority, the leave of absence for a specific period shall be considered as granted.

**Section 2: Performance appraisal**

**Article 47: Public servants' performance appraisal**

The performance appraisal shall aim, for the Administration, to clarify the public servant's value, his/her professional abilities and methods of work. It shall form the essential basis for assessing his/her right to promotion in

**Article 46: Modalités de mise en disponibilité pour une durée déterminée**

La mise en disponibilité pour une durée déterminée se fait par notification écrite adressée à l'autorité compétente contre accusé de réception.

L'autorité compétente peut ne pas accorder la mise en disponibilité pour une durée déterminée à un agent de l'Etat dans l'intérêt du service.

Un agent de l'Etat qui demande la mise en disponibilité pour une durée déterminée reste en service jusqu'à la réponse sur sa demande.

Toutefois, si l'agent de l'Etat ne reçoit pas une réponse écrite à sa demande après l'expiration d'un délai de quinze (15) jours à compter de la remise de sa demande à l'autorité compétente, la mise en disponibilité pour une durée déterminée est réputée acceptée.

**Section 2: Evaluation des performances**

**Article 47: Evaluation des performances des agents de l'Etat**

L'évaluation des performances a pour but d'éclairer l'administration sur la valeur de l'agent de l'Etat, ses aptitudes professionnelles et sa manière de servir. Elle constitue la base essentielle de la détermination de son droit à

cy'ingazintambike ajya mu kindi no kuzamurirwa umushahara buri myaka itatu.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho uburyo bw'isuzumabushobozi n'ibijyana na ryo.

**UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA, AMASHIMWE N'INSHINGANO Z'UMUKORESHA**

**Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 48: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta nk'umuturage**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira n'ubwisanzure nk'ubw'abandi baturage bose. Abukoresha hakurikijwe amategeko n'andi mabwiriza yubahirizwa mu gihugu.

**Ingingo ya 49: Uburenganzira kuri dosiye y'akazi**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kugira dosiye ye bwite y'akazi yuzuye ibitswe n'ubutegetsi bwa Leta igaragaza imikorere n'imyitwarire ye mu kazi, umwirondoro wuzuye n'ibindi byangombwa asabwa mu gihe yinjizwa mu kazi.

horizontal scale, and to salary increase every three (3) years.

A Prime Minister's Order shall determine modalities for performance appraisal and related benefits.

**CHAPTER V: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT, AWARDS AND RESPONSIBILITIES OF THE EMPLOYER**

**Section One: Rights of a public servant**

**Article 48: Rights of a public servant as a citizen**

A public servant shall enjoy the rights and freedoms as other citizens. He/she shall exercise them in accordance with laws and regulations in force in the country.

**Article 49: Right on administrative file**

The public servant shall be entitled to have an administrative file kept by the administration, containing all documents related to his/her professional performance and conduct, his/her detailed Curriculum Vitae and other required documents for recruitment.

l'avancement d'échelon horizontal et à l'augmentation du salaire tous les trois (3) ans.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités d'évaluation des performances et les avantages y relatifs.

**CHAPITRE V: DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT, RECOMPENSES ET RESPONSABILITES DE L'EMPLOYEUR**

**Section première: Droits de l'agent de l'Etat**

**Article 48: Droits de l'agent de l'Etat en tant que citoyen**

L'agent de l'Etat jouit des droits et libertés reconnus aux autres citoyens. Il les exerce conformément aux lois et règlements en vigueur.

**Article 49: Droit au dossier administratif**

L'agent de l'Etat a droit à un dossier administratif personnel complet tenu par la fonction publique et contenant toutes les pièces relatives à ses performances et sa conduite professionnelle, curriculum vitae et autres pièces requises au moment de son entrée en fonction.

**Ingingo ya 50: Gusaba gutunganya dosiye y'akazi**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye muri dosiye ye y'akazi **kandi** ashobora gusaba mu nyandiko ko ibikubiyemo bitunganywa**.**

**Ingingo ya 51: Uburenganzira bwo kwinjira mu masendika**

Uretse abayobozi bo mu rwego rwa politiki n'abakozi ba Leta bo mu nzego z'umutekano, abakozi ba Leta bashobora kwinjira muri sendika bihitiyemo.

**Ingingo ya 52: Umushahara**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira ku mushahara.

Umushahara ugenwa hakurikijwe imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo.

Umushahara ushingira ku buremere bw'umurimo, ntushingira ku muntu uwukora. Amahame agenderwaho mu igena ryawo ateye kimwe hose kandi agomba kubahirizwa kimwe hose mu butegetsi bwa Leta.

**Article 50: Request for updating the professional file**

A public servant shall enjoy the right of access to his/her personal administrative file and may request, in writing, the administration for updating it.

**Article 51: Right to join trade unions**

Apart from political leaders and public servants of security related services, public servants may join any trade union of their choice.

**Article 52: Salary**

A public servant shall be entitled to a salary.

A salary is calculated in accordance with the job classification table.

Salary shall be based on the weight of the work done and not the person performing it. The principles of its determination shall be uniform and must be respected across the entire public service.

**Article 50: Demande d'une mise à jour du dossier administratif**

L'agent de l'Etat jouit du droit d'accès à son dossier administratif personnel et peut, par écrit, demander à l'administration, sa mise à jour.

**Article 51: Liberté d'adhérer à des syndicats**

A l'exception des mandataires politiques et des agents des services de sécurité, les agents de l'Etat peuvent adhérer à un syndicat de leur choix.

**Article 52: Salaire**

Un agent de l'Etat a droit au salaire.

Le salaire est calculé sur base du tableau de classification des emplois.

Le salaire est en fonction de l'ampleur de l'emploi exercé et non de la personne qui l'occupe. Les principes de sa détermination sont uniformes et doivent être respectés au même titre partout dans la fonction publique.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Leta.

**<u>Ingingo ya 53</u>: Umushahara mbumbe**

Umushahara mbumbe ugenerwa umukozi wa Leta ugizwe n'umushahara fatizo, hiyongereyeho indamunite y'icumbi n'iy'urugendo, amafaranga yo kwivuza n'ay'ubwiteganyirize.

Iyo umukozi wa Leta yoroherejwe na Leta ku bijyanye n'icumbi n'urugendo, indamunite zijyanye na byo ntizibarirwa mu mushahara mbumbe, zisimbuzwa indamunite y'uburemere bw'umurimo.

**<u>Ingingo ya 54</u>: Imbonerahamwe fatizo y'imishahara**

Iteka rya Perezida rishyiraho imbonerahamwe fatizo y'imishahara.

**<u>Ingingo ya 55</u>: Ibarwa ry'umushahara fatizo**

Umushahara fatizo ungana nibura na mirongo irindwi ku ijana (70%) by'umushahara mbumbe. Ubarwa hafashwe umubare fatizo bakawukuba n'agaciro k'umubare fatizo.

A Prime Minister's Order shall determine salaries and fringe benefits granted to public servants.

**<u>Article 53</u>: Gross salary**

Gross salary for a public servant shall be composed of the basic salary plus housing, transport, medical and social security allowances.

In case a public servant is facilitated in housing and transport, allowances related thereto shall not be included in the gross salary. They shall be replaced by service allowance.

**<u>Article 54</u>: Salary index grid**

A Presidential Order shall determine the salary index grid.

**<u>Article 55</u>: Calculation of the basic salary**

The basic salary shall be equivalent to at least seventy per cent (70%) of the gross salary. It shall be calculated by multiplying the index by the index value.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les salaires et autres avantages accordés aux agents de l'Etat.

**<u>Article 53</u>: Salaire brut**

Le salaire brut d'un agent de l'Etat est constitué du salaire de base augmenté des indemnités de logement et de transport, des frais médicaux et de sécurité sociale.

Lorsque l'agent de l'Etat jouit des facilités de logement et de transport, les indemnités y afférentes ne sont pas comprises dans son salaire brut. Elles sont remplacées par l'indemnité de fonction.

**<u>Article 54</u>: Grille indiciaire de salaire**

Un arrêté présidentiel détermine la grille indiciaire de salaire.

**<u>Article 55</u>: Calcul du salaire de base**

Le salaire de base constitue au moins soixante-dix pour cent (70%) du salaire brut. Il est calculé en multipliant l'indice par la valeur indiciaire.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho agaciro k'imibare fatizo ikoreshwa mu butegetsi bwa Leta.

**<u>Ingingo ya 56</u>: Umubare ntarengwa w'ibikurwa ku mushahara**

Gukuraho amafaranga, ifatiratambama cyangwa gukuraho amafaranga ku bushake bw'umukozi wa Leta, ntibishobora kurenza kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara we bwite.

**<u>Ingingo ya 57</u>: Ibarwa ry'umushahara**

Umushahara w'umukozi wa Leta utangira kubarwa guhera ku munsi yatangiriyeho akazi kandi ugahagarikwa bukeye bw'umunsi yahagarikiyeho akazi.

Iyo umushahara w'ukwezi udatangiwe rimwe wose, ugabanywamo iminsi mirongo itatu (30) maze ugatangwa hakurikijwe iminsi umukozi wa Leta yakoze.

**<u>Ingingo ya 58</u>: Akanama k'Igihugu gashinzwe imishahara**

Hashyizweho Akanama k'Igihugu gashinzwe ikurikirana n'ivugururwa ry'imishahara no kugira inama Guverinoma mu kuyivugurura igihe cyose bibaye ngombwa.

A Prime Minister's Order shall fix the index value applicable in public service.

**<u>Article 56</u>: Maximum deductions from the salary**

Deductions from salary, seizure by garnishment or deductions upon consent of the public servant can not exceed half (1/2) of his/her net salary.

**<u>Article 57</u>: Calculation of salary**

The salary of a public servant shall be calculated from the date of commencement of duties and suspended on the date following his/her termination of duties.

When the monthly salary is not wholly due, it shall be divided in thirtieths and paid up to the payable number of days worked.

**<u>Article 58</u>: National Salary Committee**

It is hereby established a National Salary Committee responsible for monitoring and adjusting the salaries and advising the Government to adjust them whenever necessary.

Un arrêté du Premier Ministre fixe la valeur indiciaire applicable dans la fonction publique.

**<u>Article 56</u>: Plafond de retenues salariales**

Les retenues, la saisie-arrêt ou la cession volontaire du salaire ne peuvent aller au delà de la moitié (1/2) du salaire net de l'agent de l'Etat.

**<u>Article 57</u>: Calcul du salaire**

Le traitement de l'agent de l'Etat commence à être calculé dès son entrée en service et est suspendu le lendemain du jour de cessation de service.

Lorsque le salaire du mois n'est pas dû entièrement, il est fractionné en trentièmes et il est liquidé à concurrence du nombre de jours prestés.

**<u>Article 58</u>: Comité National des Salaires**

Il est institué un Comité National des Salaires chargé du suivi et de la révision des salaires et de conseiller le Gouvernement sur leur révision, le cas échéant.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere n'imikorere y'Akanama k'Igihugu gashinzwe ikurikirana n'ivugururwa ry'imishahara.

**Ingingo ya 59: Indamunite**

Indamunite zigize uduce tw'umushahara mbumbe Leta itanga kugira ngo yunganire abakozi bayo.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho ibigenderwaho n'uburyo bukurikizwa mu igenwa rya indamunite z'abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 60: Umukozi wa Leta wasigariyeho undi**

Mu gihe umukozi wa Leta afite impamvu imubuza kuba ku kazi, Umuyobozi ubifitiye ububasha amusimbuza undi by'agateganyo.

Umukozi wa Leta umaze iminsi irenga mirongo itatu (30) asigariyeho undi ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya w'uwo yasigariyeho.

Ibyo umukozi wa Leta usigariyeho undi ahabwa bitangira kubarwa kuva ku munsi wa mirongo itatu n'umwe (31) w'ubusigire.

A Prime Minister's Order shall determine the organization and the functioning of the National Salary Committee.

**Article 59: Allowances**

Allowances shall constitute gross salary elements paid by the Government to support its employees.

A Prime Minister's Order shall determine the criteria and the modalities for determination of allowances of public servants.

**Article 60: Acting public servant**

In case a public servant has a reason for not being on duty, the competent authority shall temporarily determine another public servant to replace him/her.

A public servant in an acting position for more than thirty (30) days shall be entitled to the salary and other monthly fringe benefits in relation to the acting position.

The salary and fringe benefits for an acting public servant shall be calculated from the thirty first ($31^{st}$) day in the acting position.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation et le fonctionnement du Comité National des Salaires.

**Article 59: Indemnités**

Les indemnités constituent les éléments du salaire brut au titre des contributions de l'Etat vis-à-vis de ses agents.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les critères et les modalités de fixation des indemnités des agents de l'Etat.

**Article 60: Agent assurant l'intérim**

Lorsqu'un agent de l'Etat a un motif le rendant indisponible au service, l'autorité compétente procède à son replacement provisoire par un autre agent.

L'agent de l'Etat qui assure l'intérim au-delà de trente (30) jours est en droit de jouir du salaire et d'autres avantages mensuels inhérents au poste d'intérim.

Le salaire et les avantages à accorder à un agent de l'Etat qui assure l'intérim sont calculés à partir du trente et unième ($31^{ème}$) jour d'intérim.

**Ingingo ya 61: Ubuzime bw'uburenganzira ku mushahara na indamunite**

Umushahara na indamunite iyo bimaze imyaka ibiri (2) bitarishyuzwa mu nyandiko ntibiba bikishyujwe. Icyo gihe gitangira kubarwa guhera umunsi umukozi wa Leta yagombaga kubiherwaho.

Icyakora, igihe cy'ubuzime bw'uburenganzira ku mushahara na indamunite gihagarikwa n'uko:

1° umukoresha yakoze umubaruro w'ibyo agomba guha umukozi;

2° umukoresha n'umukozi bemeranijwe ko ari umwenda;

3° ikirego cy'umukozi kiri mu rwego rubifitiye ububasha cyangwa urubanza ruri mu rukiko hataratangwa umwanzuro wabyo.

**Icyiciro cya 2: Amashimwe**

**Ingingo ya 62: Ishimwe**

Ishimwe rigize igihembo gihabwa umukozi wa Leta mu rwego rwo kumushimira by'umwihariko kubera ibikorwa byiza cyangwa imyitwarire myiza kandi bidasanzwe yagaragaje mu mirimo ye.

**Article 61: Prescription of payment of salary and allowances**

Prescription of payment of salary and allowances shall be of two (2) years. This prescription time limit shall be counted as of the date on which the public servant had to receive them.

However, the time limit prescription of payment of salary and allowances shall cease from running:

1° where the employer has computed all due payments,

2° the employer has agreed with the public servant that the payments are the debt;

3° where the public servant's case is pending before competent institution or before the court.

**Section 2: Awards**

**Article 62: Award**

An award shall be granted to a public servant in recognition for his/her exceptional great performance or good conduct on duties.

**Article 61: Prescription de paiement du salaire et indemnités**

L'action en paiement du salaire et indemnités se prescrit par deux (2) ans. Cette prescription court à partir de la date à laquelle ils sont exigibles.

Toutefois, le délai de l'action en paiement du salaire et indemnités cessera de courir lorsque :

1° l'employeur a calculé tous les paiements qu'il doit à l'employé ;

2° l'employeur a convenu avec l'employé que les paiements constituent la dette ;

3° la plainte de l'employé est pendante devant une institution compétente ou devant la juridiction.

**Section 2: Récompenses**

**Article 62: Récompense**

Une récompense est accordée à un agent de l'Etat en reconnaissance pour sa performance et sa bonne conduite au travail exceptionnellement excellentes.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ibyubahirizwa mu itangwa ry'amashimwe, ubwoko bwayo n'uburyo atangwa.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Inshingano z'umukoresha**

**<u>Ingingo ya 63</u>: Amabwiriza ngengamikorere**

Umukoresha agomba guha umukozi wa Leta utangiye akazi inyandiko ikubiyemo amabwiriza ngengamikore y'urwego bireba.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imiterere y'amabwiriza ngengamikorere mu butegetsi bwa Leta.

**<u>Ingingo ya 64</u>: Ibikoresho n'ibyangombwa**

Umukoresha afite inshingano zo guha umukozi wa Leta ibikoresho n'ibyangombwa nkenerwa kugira ngo abashe kurangiza inshingano ze.

**<u>Ingingo ya 65</u>: Isuku y'aho akazi gakorerwa**

Aho akazi gakorerwa hagomba kurangwa n'isuku kandi hakagira ibikoresho byabugenewe n'uburyo bwo kurinda umutekano ku kazi n'ubuzima bw'umukozi kimwe no kumurinda impanuka.

A Prime Minister's Order shall determine requirements for granting awards, their types, and the procedure of granting them.

**<u>Section 3</u>: Responsibilities of the employer**

**<u>Article 63</u>: Manual of administrative procedures**

The employer must provide any recruited public servant with a manual of administrative procedures of the concerned institution.

A Prime Minister's Order shall determine the structure of the Manual of Administrative Procedures in public service.

**<u>Article 64</u>: Equipments**

The employer shall provide to the public servant, the necessary equipments permitting him/her to carry out his/her duties.

**<u>Article 65</u>: Cleanliness at the workplace**

The workplace should always be kept clean and equipped with hygiene facilities and means for safety and health protection as well as for hazards prevention.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les exigences relatives à l'octroi des récompenses, leur nature et la procédure de leur octroi.

**<u>Section 3</u>: Responsabilités de l'employeur**

**<u>Article 63:</u> Manuel de procédures administratives**

L'employeur doit donner un document contenant le manuel de procédures administratives de l'institution concernée à tout agent de l'Etat dès son entrée en service.

Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure du manuel des procédures administratives dans la fonction publique.

**<u>Article 64:</u> Matériel**

L'employeur est tenu de mettre à la disposition de l'agent de l'Etat, le matériel nécessaire lui permettant d'accomplir ses fonctions.

**<u>Article 65</u>: Propreté du lieu de travail**

Le lieu du travail doit toujours être tenu dans un état de propreté, disposer du matériel de propreté approprié et présenter les conditions favorables pour assurer la sécurité et la santé du personnel ainsi que pour prévenir des accidents.

Umukoresha agomba kwigisha umukozi wa Leta uburyo bwo kurinda ubuzima n'umutekano ku kazi.

**Ingingo ya 66: Ibikoresho birinda impanuka**

Leta igomba guha umukozi wayo ibikoresho bya ngombwa byo kurinda ubuzima bwe ku kazi, ikanagenzura uko bikoreshwa. Igomba kugira uburyo bwo kurinda impanuka ku kazi.

**Ingingo ya 67: Umutekano w'umukozi wa Leta**

Leta ifite inshingano yo kubungabunga umutekano w'umukozi, imurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose mu gihe ari mu kazi cyangwa mu gihe cyose bigaragaye ko azira kurangiza inshingano ze mu kazi.

**Ingingo ya 68: Inyubako n'ibikoresho bidahungabanya ubuzima bw'abakozi ba Leta**

Inyubako zikorerwamo zigomba kubahiriza amabwiriza yo kurinda ubuzima n'umutekano ku kazi.

The employer must educate the public servant on health and safety measures at workplace.

**Article 66: Protection equipments against hazards**

The Government must put at the disposal of its public servant all necessary and appropriate protection equipments at workplace and ensure their appropriate use. It must possess security means against hazards at workplace.

**Article 67: Safety of a public servant**

The Government shall have the obligation to guarantee to its employee the protection against any type of violence at workplace during the fulfilment of his/her duties or at anytime it is obvious that the security threat is due to the fulfilment of his/her duties.

**Article 68: Premises and equipments not detrimental to the health of public servants**

Premises at the workplace shall comply with the safety and health standards.

L'employeur doit dispenser à l'agent de l'Etat l'éducation en matière de santé et de sécurité au travail.

**Article 66: Equipements de protection contre les accidents**

L'Etat est tenu de mettre à la disposition de son agent, à son lieu de travail, les équipements de sécurité nécessaires et appropriés et de veiller à leur correcte utilisation. Il doit posséder les moyens de protection contre les accidents au lieu de travail.

**Article 67: Sécurité de l'agent de l'Etat**

L'Etat est tenu d'assurer à son agent, la protection contre toute forme de violence dont il peut être victime en raison de l'exercice de ses fonctions ou toutes les fois qu'il est évident qu'une menace sécuritaire dont il fait l'objet est liée à l'exercice de ses fonctions.

**Article 68: Locaux et équipements ne constituant aucun danger pour la santé des agents de l'Etat**

Les locaux affectés au service doivent satisfaire aux normes de sécurité et de santé.

Birabujijwe gutumiza, kumurika, kugurisha, gukodesha, gutanga ku buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa gukoresha ibyuma, imashini cyangwa bimwe mu byuma byayo byakozwe cyangwa byatumijwe hatubahirijwe amabwiriza y'ubuziranenge agamije kurinda ubuzima bw'abakozi ba Leta no gukumira impanuka.

Iteka rya Minisitiri rigena amabwiriza rusange n'ay'umwihariko yerekeye ubuzima bw'abakozi ba Leta, gukumira no kurinda impanuka ku kazi.

**<u>Ingingo ya 69</u>: Kuvuza umukozi wa Leta**

Leta yunganira umukozi wayo mu kwivuza, no kuvuza abandi yemererwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Imenyekanisha ry'ibyago bikomoka ku kazi**

Umukoresha agomba kumenyesha ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda n'Umugenzuzi w'umurimo w'Akarere ikigo gikoreramo**,** mu gihe cy'iminsi (4) y'akazi, impanuka zose ziturutse ku kazi cyangwa indwara zikomoka ku kazi zagaragaye.

It is forbidden to import, display, sell, lease out, give away under any circumstances or to use appliances, machines and parts of machines which were manufactured or imported contrary to standards aimed at ensuring protection of the health of public servants and the prevention of hazards.

A Ministerial Order shall determine general and specific instructions relating to health care of public servants, prevention and protection against hazards on workplace.

**<u>Article 69</u>: Healthcare of a public servant**

The Government shall provide a healthcare support to its employee and other people under his/her care in accordance with relevant laws.

**<u>Article 70</u>: Declaration of occupational hazards**

The employer shall declare to the Rwanda Social Security Board and the Inspector of labour in the District where the institution operates within four (4) working days of occurrence of all occupational hazards or occupational diseases noticed.

Il est interdit d'importer, d'exposer, de mettre en vente, de louer, de céder à quelque titre que ce soit ou d'utiliser des appareils, des machines et éléments de machines qui ne sont pas fabriqués ou commandés dans des conditions assurant la sécurité et la santé des agents de l'Etat.

Un arrêté du Ministre détermine les conditions générales et particulières relatives à la santé des agents de l'Etat et à la prévention et la protection contre les accidents de travail.

**<u>Article 69:</u> Soins médicaux de l'agent de l'Etat**

L'Etat participe aux dépenses de son agent pour ses soins médicaux et des autres personnes à sa charge conformément aux dispositions légales en la matière.

**<u>Article 70</u>: Déclaration des accidents de travail**

L'employeur doit déclarer à l'Office Rwandais de Sécurité Sociale et à l'Inspecteur du Travail du District dans lequel l'institution travaille, dans un délai de quatre (4) jours ouvrables, tout accident de travail survenu ou toute maladie professionnelle constatée.

Iyo umukoresha adakoze imenyekanisha riteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bishobora gukorwa n'uwagize impanuka cyangwa uwarwaye cyangwa abo mu muryango we babifitiye uburenganzira mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye igihe impanuka yabereye cyangwa igihe indwara yagaragariye

Umukoresha ufite ikigo gikoresha imirimo ishobora gutera indwara zikomoka ku kazi, agomba kubimenyesha Umugenzuzi w'Umurimo n'ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda mbere y'uko atangiza iyo mirimo.

**UMUTWE WA VI: IBISABWA UMUKOZI WA LETA N'IBITABANGIKANA N'IMIRIMO YE**

**Icyiciro cya mbere: Ibisabwa umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 71: Inshingano zifitanye isano no gutunganya umurimo**

Umukozi wa Leta agomba gutunganya ubwe umurimo asabwa, kuwitaho buri gihe, gukorana ubupfura, kutagira aho abogamira, kubaha no kubahisha urwego akoramo, kubaha umutungo wa Leta, kwibwiriza no kwita ku bifitiye abaturarwanda akamaro.

Where the employer does not make the declaration as provided for in Paragraph One of this Article, the person who is the victim of the occupational hazard or suffers from a disease or his/her legitimate representative may do it within a period not exceeding one (1) year from the date of occurrence of the occupational hazard.

Any employer whose institution may cause occupational disease shall inform the Inspector of labour and the Rwanda Social Security Board before the commencement of activities.

**CHAPTER VI: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AND INCOMPATIBILITIES**

**Section One : Obligations of a public servant**

**Article 71: Obligations related to discharge of duties**

A public servant shall be required to personally perform duties as required, devote him/herself to his/her work all the time with integrity and impartiality, respect and honour his/her institution, preserve public property, and have a sense of responsibility and public interest.

Au cas où l'employeur ne fait pas la déclaration prévue à l'alinéa premier du présent article, elle peut être faite par la victime de l'accident de travail ou la personne atteinte de la maladie ou ses ayants droit dans un délai ne dépassant pas une (1) année à compter de la date de la survenance de l'accident de travail ou de la maladie.

Tout employeur dont l'institution peut causer des maladies liées au travail doit informer l'Inspecteur du Travail et l'Office Rwandais de Sécurité Sociale avant de commencer ses activités.

**CHAPITRE VI: OBLIGATIONS DE L'AGENT DE L'ETAT ET INCOMPATIBILITES**

**Section première: Obligations de l'agent de l'Etat**

**Article 71: Obligations en rapport avec la prestation des services**

L'agent de l'Etat est tenu d'assurer personnellement le service public à sa charge, de s'y consacrer en permanence avec probité et neutralité, de respecter et faire respecter son institution, respecter le patrimoine de l'Etat et d'avoir l'esprit d'initiative, et promouvoir l'intérêt général.

Umukozi wa Leta kandi agomba kubahiriza amabwiriza yihariye cyangwa rusange arebana n'akazi ahabwa n'umukuriye mu kazi hakurikijwe amategeko.

**<u>Ingingo ya 72</u>: Kubungabunga umutungo wa Leta**

Umukozi wa Leta agomba kubungabunga umutungo wa Leta haba mu gihe cy'akazi cyangwa nyuma yaho, afatanya n'abandi mu icunga ryawo kugira ngo utangirika cyangwa ngo ugabizwe abandi.

**<u>Ingingo ya 73</u>: Ibanga ry'akazi**

Umukozi wa Leta agomba kugira ibanga ry'akazi, usibye mu bihe biteganywa n'amategeko cyangwa abiherewe uruhushya n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Imyitwarire y'umukozi wa Leta**

Iteka rya Perezida rishyiraho amategeko agenga imyitwarire y'abakozi ba Leta.

A public servant must respect the particular or general instructions given by his/her hierarchical superior in accordance with laws.

**<u>Article 72</u>: Preserving public property**

A public servant must preserve public property during and after working hours by contributing to its good management and protection against any destruction and despoliation.

**<u>Article 73</u>: Professional secrecy**

A public servant must keep professional secrecy, except in circumstances stipulated by the Law or while he/she is authorized by a competent authority.

**<u>Article 74</u>: Professional conduct of a public servant**

A Presidential Order shall determine the professional code of ethics for public servants.

L'agent de l'Etat doit observer des instructions particulières ou générales données par son supérieur hiérarchique conformément aux lois.

**<u>Article 72</u>: Préserver la chose publique**

L'agent de l'Etat doit respecter les biens publics pendant et après les heures de service en apportant les soins nécessaires à sa bonne gestion et en la préservant contre toute destruction et spoliation.

**<u>Article 73</u>: Secret professionnel**

L'agent de l'Etat doit garder le secret professionnel, sauf dans les cas prévus par la loi ou lorsqu'il en est autorisé par l'autorité compétente.

**<u>Article 74</u>: Ethique professionnelle de l'agent de l'Etat**

Un arrêté présidentiel détermine le code d'éthique professionnelle des agents de l'Etat.

**Icyiciro cya 2: Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 75: Imirimo umukozi wa Leta atemerewe**

Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta ni ibi bikurikira:

1° umwuga cyangwa ibikorwa ibyo ari byo byose by'ubucuruzi cyangwa by'inganda byabangamira imirimo ashinzwe;

2° kuba mu buyobozi buhoraho, mu butegetsi bw'isosiyete cyangwa ubw'ikigo icyo ari cyo cyose cy'ubucuruzi n'inganda igihe byabangamira imirimo ashinzwe. Icyakora ibyo ntibikurikizwa ku bahagarariye inyungu za Leta mu bigo byigenga;

3° kugira inyungu mu kigo ashinzwe kugenzura ubwe cyangwa gifite aho gihuriye na we, haba ku giti cye cyangwa yitwaje undi muntu, uko cyaba cyitwa kose, igihe izo nyungu zamutera kwica akazi ke cyangwa kumubuza ubwigenge no gukoresha ukuri n'ubutabera nta kubogama.

Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo bitabangamiye imirimo ashinzwe, umukozi wa Leta ashobora kugirana amasezerano y'akazi n'abandi bakoresha batandukanye, haba ari mu nzego z'imirimo ya Leta cyangwa se mu

**Section 2: Incompatibilities with the status of a public servant**

**Article 75: Activities that a public servant is not allowed to carry out**

The following shall be incompatible with the status of a public servant :

1° a profession or any business or industrial activities that may likely be detrimental to the performance of his/her duties;

2° any participation in permanent leadership, administration of a company or any other commercial and industrial enterprise likely to be detrimental to the duties of the public servant. However, this shall not apply to those representing the Government interest in private enterprises.

3° having any interest in an enterprise under his/her direct control or one related to him/her, whether as an individual or through a proxy, under any title, in case such interest is likely to compromise with his/her duties or restrict his/her independence, truth, justice and objectivity.

Subject to the provisions of Paragraph One of this Article, where unlikely to be detrimental to his/her duties, a public servant may sign employment contracts with different employers, whether in public or private sector.

**Section 2: Incompatibilités avec la qualité de l'agent de l'Etat**

**Article 75: Activités interdites à l'agent de l'Etat**

Sont incompatibles avec la qualité de l'agent de l'Etat:

1° toute profession ou activité commerciale ou industrielle préjudiciable à l'accomplissement de ses fonctions;

2° toute participation à la direction de façon permanente, à l'administration d'une société ou toute autre entreprise commerciale et industrielle de nature à nuire à ses fonctions. Toutefois, cela ne s'applique pas aux agents qui représentent l'Etat dans des entreprises privées;

3° avoir, dans une entreprise soumise à son contrôle direct ou en relation avec lui, par lui-même ou par personne interposée, sous quelque dénomination que ce soit, des intérêts de nature à compromettre ou à restreindre l'indépendance, la vérité, la justice et l'objectivité de son action.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, si ceci n'est pas susceptible de nuire à ses fonctions, l'agent de l'Etat peut signer des contrats de travail avec des différents employeurs, dans le secteur public

bikorera.

Icyakora, mbere yo gusinya ayo masezerano, umukozi wa Leta agomba kubanza kubyemererwa n'umukoresha we.

**UMUTWE WA VII: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI N'UBUJURIRE**

**Icyiciro cya mbere: Ibihano**

**Ingingo ya 76: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi**

Ibihano byo mu rwego rw'akazi bihabwa abakozi ba Leta biri mu nzego ebyiri (2). Ibihano byo mu rwego rwa mbere byerekeye amakosa yoroheje, naho ibyo mu rwego rwa kabiri byerekeye amakosa aremereye.
Urwego rwa mbere rugizwe n'ibihano bikurikira:

1° kwihanangirizwa;

2° kugawa.

Urwego rwa kabiri rugizwe n'ibihano bikurikira:

1° gukererwa kuzamurwa mu ntera;

However, before signing such contracts, the public servant shall be authorized by his/her employer.

**CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE SANCTIONS AND APPEAL**

**Section One: Sanctions**

**Article 76: Categories of administrative sanctions**

Administrative sanctions shall be classified in two (2) categories. The first degree sanctions shall be imposed in case of minor faults and the second degree sanctions in case of serious faults.
The first degree shall be composed of the following sanctions:

1° warning;

2° reprimand.

The second degree shall be composed of the following sanctions:

1° delay in promotion;

ou privé.

Toutefois, avant de signer ces contrats, l'agent de l'Etat doit en être autorisé par son employeur.

**CHAPITRE VII: SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET RECOURS**

**Section première: Sanctions**

**Article 76: Catégories des sanctions administratives**

Les sanctions administratives sont réparties en deux (2) catégories. Les sanctions du premier degré sont administrées pour les fautes légères alors que les sanctions du deuxième degré sont administrées pour les fautes lourdes.
Les sanctions du premier degré sont les suivantes:

1° avertissement;

2° blâme.

Les sanctions du deuxième degré sont les suivantes :

1° retard dans l'avancement;

2° guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa;

3° kwirukanwa burundu.

**<u>Ingingo ya 77</u>: Ikosa**

Igihe umukozi wa Leta adakoze ibyo ashinzwe cyangwa atubahirije ibyo asabwa biba ikosa rihanishwa kimwe mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 76 y'iri tegeko hakurikijwe uburemere bw'iryo kosa.

Uburyo bwo gukurikirana ikosa ry'umukozi no kumuhana, bikorwa mu nyandiko.

**<u>Ingingo ya 78</u>: Uburyozwe bw'ikosa n'uburyozwe bw'icyaha**

Igihano cy'umukozi wa Leta mu rwego rw'akazi ntikibangamira uburyozwe bw'icyaha n'igihano giteganywa n'amategeko ahana, ku buryo ikosa ry'umukozi wa Leta rishobora gukurikiranwa mu kazi no mu nkiko.

**<u>Ingingo ya 79</u>: Kwisobanura**

Nta kosa na rimwe umukozi wa Leta ashobora guhanirwa atabanje guhabwa umwanya wo kwisobanura mu nyandiko.

2° suspension from duties for a period not exceeding three (3) months without being paid;

3° dismissal.

**<u>Article 77</u>: Disciplinary fault**

If a public servant breaches or fails to comply with the obligations assigned to him/her, this shall constitute a disciplinary fault punishable by one of sanctions provided for in Article 76 of this Law in consideration of its seriousness.

Procedures for disciplinary action shall be done in writing.

**<u>Article 78</u>: Disciplinary liability and criminal liability**

The disciplinary sanction of a public servant shall be independent from criminal liability and punishment as provided by the criminal code to the extent that the same fault may cause both disciplinary procedure and criminal procedure.

**<u>Article 79</u>: Defence**

No public servant shall be sanctioned unless he/she has been given an opportunity to submit in writing his/her defence.

2° suspension des fonctions pour une période de trois (3) mois au maximum sans être payé;

3° révocation.

**<u>Article 77</u>: Faute disciplinaire**

Le manquement de l'agent de l'Etat aux obligations qui lui incombent, constitue une faute disciplinaire qui, suivant sa gravité, est sanctionnée par une des sanctions prévues à l'article 76 de la présente loi.

Toute action se rapportant à la procédure disciplinaire est faite par écrit.

**<u>Article 78</u>: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale**

La sanction disciplinaire est indépendante de la responsabilité pénale et de la répression prévue par la législation pénale à tel point qu'un même fait peut déclencher des poursuites disciplinaires et pénales.

**<u>Article 79</u>: Défense**

Aucune sanction disciplinaire ne peut être prise contre un agent de l'Etat sans que l'intéressé n'ait eu l'occasion de présenter par écrit sa défense.

**Ingingo ya 80: Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano**

Nta gihano na kimwe gishobora gushyirwa mu bikorwa ikosa ritarahama nyir'ubwite.

**Ingingo ya 81: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi**

Ibihano byo mu rwego rwa mbere bitangwa n'umuyobozi ukuriye urwego umukozi akoramo, naho ibihano byo mu rwego rwa kabiri bitangwa n'uwamushyize mu mwanya amaze kugisha inama Minisitiri.

**Ingingo ya 82: Uburyo bw'imihanire y'abakozi ba Leta**

Iteka rya Perezida rigena uburyo bw'imihanire y'abakozi ba Leta.

**Icyiciro cya 2: Ubujurire**

**Ingingo ya 83: Uburenganzira bwo kujurira bw'umukozi wa Leta**

Umukozi wa Leta utemera igihano yahawe mu rwego rw'akazi, afite uburenganzira bwo kujuririra inzego z'ubuyobozi cyangwa inkiko.

**Article 80: Application of a sanction**

No sanction can be applied before the accused is proved guilty.

**Article 81: Powers to impose administrative sanctions**

The first degree sanctions shall be imposed by the head of institution and the second degree sanctions shall be imposed by the authority who appointed the public servant after consultation with the Minister.

**Article 82: Modalities for imposing disciplinary sanctions to public servant**

A Presidential Order shall determine modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants.

**Section 2: Appeal**

**Article 83: Right of a public servant to appeal**

A public servant who considers that a disciplinary sanction against him/her is not justified shall have the right to appeal to administrative organs or courts of Law.

**Article 80: Application de la sanction**

Nulle sanction ne peut être appliquée sans que le concerné ne soit reconnu coupable.

**Article 81: Pouvoir d'infliger des sanctions administratives**

Les sanctions du premier degré sont infligées par le chef d'institution alors que les sanctions du deuxième degré sont infligées par l'autorité qui l'a affecté, après avis du Ministre.

**Article 82: Modalités d'application du régime disciplinaire des agents de l'Etat**

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'application du régime disciplinaire des agents de l'Etat.

**Section 2: Recours**

**Article 83: Droit de recours pour un agent de l'Etat**

L'agent de l'Etat qui s'estime lésé par l'imposition à son endroit d'une sanction disciplinaire, a le droit d'introduire un recours administratif ou juridictionnel.

**Ingingo ya 84: Uburyo ubujurire bukorwa**

Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi amenyeshejwe icyemezo yafatiwe, umukozi wahanwe iyo atemera igihano yahawe, ashobora kujuririra mu nyandiko ku rwego rwa mbere umuyobozi w'Urwego akoramo agahabwa igisubizo mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe ubujurire bwakiriwe.

Iyo icyemezo gifashwe ku rwego rwa mbere kitamushimishije, umukozi wa Leta wahanwe ashobora kujuririra Komisiyo, mu rwego rwa nyuma, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yaherewe igisubizo. Komisiyo igomba gutanga umwanzuro mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60). Icyemezo cya Komisiyo ntikijuririrwa mu rwego rw'ubutegetsi.

Abakozi ba Komisiyo bajuririra ku rwego rwa nyuma Inama y'Abakomiseri ya Komisiyo.

**Ingingo ya 85: Kuregera inkiko**

Umukozi wa Leta utanyuzwe n'icyemezo cy'umuyobozi yajuririye ku rwego rwa nyuma, ashobora kujyana ikibazo cye mu Nkiko akurikije

**Article 84: Appeal procedure**

A public servant who considers that the decision against him/her is not justified may file a written appeal in the first instance with the head of his/her institution within a period not exceeding five (5) working days from the date the sanction is notified to him/her and the response to his/her appeal shall be notified to him/her within a period not exceeding fifteen (15) working days from the date the appeal was received.

When he/she is not satisfied with the decision taken at the first instance, the public servant who is subject to a sanction may appeal in the last instance to the Commission within a period not exceeding five (5) working days from the date he/she was notified of the response. The Commission must respond within a period not exceeding sixty (60) days. The decision of the Commission shall not be subject to administrative appeal.

The staff of the Commission shall file appeals in last instance with the Council of Commissioners of the Commission.

**Article 85: Filing a complaint with the courts of law**

A public servant who is not satisfied with a decision of an authority with whom the appeal has been filed in the last instance may file a

**Article 84: Procédure de recours**

Un agent de l'Etat qui s'estime lésé par l'imposition à son endroit d'une sanction peut, dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à compter de la notification de la sanction, introduire un recours formulé par écrit au premier degré auprès du chef de son institution et la réponse lui est communiquée dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de la réception du recours.

Lorsqu'il n'est pas satisfait de la décision prise au premier degré, l'agent de l'Etat sanctionné, peut introduire un recours en dernier ressort auprès de la Commission dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir de la notification de la réponse. La Commission doit donner sa réponse dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours. La décision de la Commission ne peut faire objet d'aucun recours administratif.

Les agents de la Commission introduisent leur recours en dernier degré devant le Conseil des Commissaires de la Commission.

**Article 85: Recours devant les juridictions**

L'agent de l'Etat qui n'est pas satisfait de la décision de l'autorité auprès de laquelle le recours a été introduit au dernier degré peut

amategeko abigenga.

**UMUTWE WA VIII: KUVA MU BAKOZI BA LETA**

**Ingingo ya 86: Impamvu zo kuva mu bakozi ba Leta**

Kuva mu bakozi ba Leta bituma umukozi wa Leta ahanagurwa ku rutonde rw'abakozi ba Leta.

Umukozi wa Leta ava mu bakozi ba Leta iyo:

1° ahagaritse akazi mu gihe kitazwi;

2° asezeye burundu ku kazi;

3° asezerewe nta mpaka;

4° yirukanywe burundu;

5° ahawe ikiruhuko cy'izabukuru;

6° apfuye.

complaint with the courts of law in accordance with relevant laws.

**CHAPTER VIII: TERMINATION OF SERVICE FOR A PUBLIC SERVANT**

**Article 86: Grounds for termination of service for a public servant**

Termination of service for a public servant shall result in his/her from the record of employees of public service.

Termination of service for a public servant shall take place when he/she :

1° is on leave of absence for non-specific period;

2° deliberately resigns;

3° is automatically removed from office;

4° is dismissed;

5° retires;

6° dies.

saisir les juridictions conformément aux lois en la matière.

**CHAPITRE VIII: CESSATION DEFINITIVE DES FONCTIONS DE L'AGENT DE L'ETAT**

**Article 86: Motifs de cessation définitive des fonctions de l'agent de l'Etat**

La cessation définitive des fonctions au sein de la fonction publique entraîne la radiation de l'agent de l'Etat du fichier du personnel de l'Etat.

La cessation définitive des fonctions au sein de la fonction publique a lieu lorsque l'agent de l'Etat:

1° est en mise en disponibilité pour une durée indéterminée;

2° démissionne volontairement;

3° est démis d'office;

4° est révoqué;

5° est admis à la retraite;

6° décède.

**Icyiciro cya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi**

**Ingingo ya 87: Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi**

Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi ni icyemezo cy'umukozi wa Leta kigaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo guhagarika akazi ku mwanya w'umurimo yakoraga kubera impamvu ze bwite.

Umukozi wa Leta agira uburenganzira bwo gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi iyo amaze nibura imyaka itatu (3) ku mwanya w'umurimo asabiraho guhagarika akazi mu gihe kitazwi.

Iyo umukozi wa Leta yemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi aba avuye mu bakozi ba Leta kandi umwanya yari arimo ushakirwa undi mukozi.

**Ingingo ya 88: Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kitazwi**

Guhagarika akazi mu gihe kitazwi bikorwa mu nyandiko yohererezwa umuyobozi ubifitiye ububasha, kandi umukozi akabihererwa icyemezo cy'iyakira.

**Section One: Leave of absence for a non specific period**

**Article 87: Request for leave of absence for non specific period**

Request for leave of absence for non specific period shall be a decision made by a public servant indicating in writing his/her will to cease his/her duties for personal reasons

A public servant shall have the right to request for leave of absence for non specific period after serving at least three (3) years in the job position for which he/she requests for leave of absence for a non-specific period.

A public servant whose request for leave of absence for a non specific period has been accepted shall cease to be in the public service and shall be replaced.

**Article 88: Modalities for leave of absence for a non specific period**

Leave of absence for a non specific period shall be requested in writing and addressed to the competent authority, and the public servant shall receive an acknowledgement of receipt.

**Section première : Mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

**Article 87: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

La demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée est une décision prise par un agent de l'Etat indiquant par écrit son intention de cesser ses fonctions pour des raisons de convenance personnelle.

Un agent de l'Etat a droit de demander la mise en disponibilité pour une durée indéterminée lorsqu'il exerce ses fonctions pendant au moins trois (3) ans au poste d'emploi pour lequel il demande la mise en disponibilité pour une durée indéterminée.

Un agent de l'Etat dont la demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée cesse d'appartenir à la fonction publique et il est remplacé.

**Article 88: Modalités de mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

La demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée se fait par écrit et est adressée à l'autorité compétente, et l'agent doit recevoir un accusé de réception.

Umukozi wa Leta wasabye guhagarika akazi mu gihe kitazwi ashobora kutabyemererwa kubera inyungu z'Igihugu.

Umukozi wa Leta usabye guhagarika akazi mu gihe kitazwi agomba kuba agumye ku mirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo cyerekeranye n'ibyo yasabye.

Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye umunsi umuyobozi ubifitiye ububasha yaboneyeho ibaruwa ibisaba, kandi umukozi atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kitazwi bifatwa ko byemewe.

**<u>Ingingo ya 89:</u> Gusubira mu kazi nyuma y'ihagarika ry'akazi mu gihe kitazwi**

Umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi yongera kugira uburenganzira bwo gushaka akazi cyangwa gushyirwaho mu butegetsi bwa Leta nyuma y'imyaka itatu (3) ibarwa uhereye igihe yemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi kandi binyuze mu buryo bwo kwinjiza abakozi mu mirimo buteganywa n'iri tegeko.

The request of a public servant for leave of absence for a non specific period may be rejected for public interest.

A public servant who has submitted his/her request for leave of absence for a non specific period shall continue to discharge his/her duties until he/she is notified of the decision on his/her request.

However, if no written reply has been given to the public servant within thirty (30) days as of the day the competent authority received the request, his/her request for leave of absence for a non specific period shall be considered as accepted.

**<u>Article 89</u>: Reintegration in the public service after leave of absence for a non specific period**

A public servant whose request for leave of absence for a non specific period has been accepted shall have the right to apply for the job or to be nominated in the public service after three (3) years as of the date his/her request for leave of absence for a non specific period was accepted and in accordance with recruitment modalities provided for in this Law.

La demande d'un agent de l'Etat de la mise en disponibilité pour une durée indéterminée peut être rejetée pour des raisons d'intérêt public.

Un agent de l'Etat qui a présenté sa demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée est tenu de continuer à exercer ses fonctions jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée.

Cependant, s'il n'est pas donné une suite écrite à la demande de l'agent dans un délai de trente (30) jours à compter du jour de la réception de la lettre de demande par l'autorité compétente, sa mise en disponibilité pour une durée indéterminée est réputée acquise.

**<u>Article 89</u>: Réintégration dans la fonction publique après la mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

Un agent de l'Etat dont la demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée a le droit de chercher un emploi dans la fonction publique ou d'y être nommé après trois (3) ans à compter du jour où sa demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée et conformément aux modalités de recrutement prévues par la présente loi.

**<u>Icyiciro cya 2 :</u> Gusezera burundu ku kazi**

**<u>Ingingo ya 90</u>: Gusaba gusezera burundu ku kazi**

Gusaba gusezera burundu ku kazi ni icyemezo cy'umukozi wa Leta kigaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo gusezera burundu ku kazi ko mu butegetsi bwa Leta.

Iyo umukozi wa Leta yemerewe gusezera burundu ku kazi aba avuye mu bakozi ba Leta burundu kandi umwanya yari arimo ushakirwa undi mukozi.

**<u>Ingingo ya 91:</u> Uburyo bukurikizwa mu gusezera burundu ku kazi**

Gusezera burundu ku kazi bikorwa mu nyandiko yohererezwa umuyobozi ubifitiye ububasha, kandi umukozi akabihererwa icyemezo cy'iyakira.

Umukozi wa Leta usabye gusezera burundu ku kazi agomba kuba agumye ku mirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo cyerekeranye n'ibyo yasabye.

Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye umunsi umuyobozi ubifitiye ububasha yaboneyeho ibaruwa ibisaba, kandi umukozi atarasubizwa mu nyandiko, gusezera burundu ku kazi bifatwa ko byemewe.

**<u>Section 2</u>: Deliberate resignation**

**<u>Article 90</u>: Request for deliberate resignation**

Request for deliberate resignation is a decision of a public servant indicating in writing his/her will to resign from the Public Service.

When the deliberate resignation of a public servant is accepted, he/she shall definitely cease to be a public servant and be replaced.

**<u>Article 91:</u> Modalities for deliberate resignation**

Deliberate resignation shall be in writing and addressed to the competent authority and the resigning public servant shall receive an acknowledgement of receipt.

A public servant who has submitted his/her resignation request shall continue to discharge his/her duties until he/she is notified of the decision on his/her request.

However, if no written reply has been given to the public servant within thirty (30) days as from the date when the competent authority received the resignation letter, his/her resignation shall be considered as accepted.

**<u>Section 2</u>: Démission volontaire**

**<u>Article 90</u>: Demande de la démission volontaire**

La démission volontaire est une décision par laquelle un agent de l'Etat marque sa volonté de démissionner de ses fonctions dans la fonction publique.

Lorsque la démission volontaire de l'agent de l'Etat est acceptée, il cesse définitivement ses fonctions dans la fonction publique et il est remplacé.

**<u>Article 91</u>: Modalités de démission volontaire**

La démission volontaire se fait par écrit et doit être adressée à l'autorité compétente et l'agent démissionnaire doit recevoir un accusé de réception.

Un agent de l'Etat qui a présenté sa démission volontaire est tenu de continuer à exercer ses fonctions jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée.

Cependant, s'il n'est pas donné une suite écrite à la demande de l'agent dans un délai de trente (30) jours à compter du jour de la réception de la lettre de demande par l'autorité compétente, sa démission est réputée acceptée.

**<u>Ingingo ya 92</u>: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezera burundu ku kazi**

Umukozi wa Leta wasezeye burundu ku kazi nta burenganzira aba afite bwo gusubira mu kazi mu butegetsi bwa Leta.

Icyakora, kubera inyungu z'igihugu, umukozi wa Leta wemerewe gusezera burundu ku kazi ashobora kongera kugira uburenganzira bwo kongera gushaka akazi cyangwa gushyirwaho mu butegetsi bwa Leta, nyuma y'imyaka itanu (5) ibarwa uhereye igihe yemerewe gusezera burundu ku kazi, kandi amaze kubihererwa icyemezo gitangwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha,bikamenyeshwa Komisiyo.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Gusezerera umukozi wa Leta nta mpaka**

**<u>Ingingo ya 93</u>: Impamvu zo gusezerera umukozi wa Leta nta mpaka**

Umukozi wa Leta asezererwa ku kazi nta mpaka iyo:

1° nyuma y'igihe cy'igeragezwa hakozwe isuzumabushobozi bikagaragara ko uwageragejwe adashoboye akazi;

2° afunzwe by'agateganyo mu gihe kirengeje amezi atandatu (6);

**<u>Article 92</u>: Reintegration in the public service after deliberate resignation**

A public servant whose deliberate resignation has been accepted shall have no right to be reintegrated in public service.

However, for public interest, a public servant whose resignation has been accepted may re-enjoy the right to be recruited or nominated in public service after five (5) years as from the date his/her resignation was accepted, upon authorization by the competent authority and notification to the Commission.

**<u>Section 3:</u> Automatic removal from office of a public servant**

**<u>Article 93</u>: Grounds for automatic removal from office of a public servant**

A public servant shall be subject to automatic removal from office:

1° if after the probation period his/her performance appraisal is not successful;

2° if he/she is placed in provisional detention for a period exceeding six (6) months;

**<u>Article 92</u>: Réintégration de la fonction publique après une démission volontaire**

L'agent de l'Etat admis à la démission volontaire n'a pas droit de réintégrer la fonction publique.

Cependant, pour l'intérêt public, un agent de l'Etat dont la démission volontaire a été acceptée peut encore avoir le droit au recrutement ou à la nomination dans la fonction publique après cinq (5) ans à compter du jour de l'acceptation de sa démission et après autorisation par l'autorité compétente et notification à la Commission.

**<u>Section 3</u>: Démission d'office de l'agent de l'Etat**

**<u>Article 93:</u> Raisons de démission d'office d'un agent de l'Etat**

L'agent de l'Etat est démis d'office de ses fonctions:

1° si son stage probatoire n'est pas concluant après l'évaluation de ses performances;

2° s'il a été placé en détention provisoire pour une période supérieure à six (6) mois;

3° adafite intege cyangwa ubwenge bishobora gutuma asubira ku kazi arangije ikiruhuko kirekire cy'uburwayi giteganywa mu ngingo ya 28 y'iri tegeko;

4° agaragaweho kuba atagishoboye akazi binyuze mu isuzumabushobozi**;**

5° nyuma y'ihagarikwa ry'agateganyo rirengeje igihe cy'amezi atandatu (6).

**Ingingo ya 94: Ububasha bwo gusezerera umukozi wa Leta**

Gusezerera umukozi wa Leta ni icyemezo umuyobozi ubifitiye ububasha afata cyo kuvana umukozi mu bakozi ba Leta bidaturutse ku bushake bw'umukozi. Icyakora umuyobozi ubifitiye ububasha ntashobora guha umukozi igihe cy'integuza yo kumusezerera nta mpaka igihe ari mu kiruhuko icyo ari cyo cyose yemererwa n'amategeko.

**Ingingo ya 95: Ibarwa ry'amafaranga y'imperekeza**

Iyo umukozi wa Leta asezerewe kubera ivanwaho cyangwa ibura ry'umurimo, agenerwa amafaranga y'imperekeza yishyurwa yose n'Urwego umukozi wa Leta akorera mu gihe cy'isezererwa. Amafaranga y'imperekeza abarwa hafashwe umushahara mbumbe umukozi wa Leta yari

3° if he/she is not physically or mentally able to resume his/her duties after a long term sick leave provided for in Article 28 of this Law;

4° if the performance appraisal indicates that he/she is incompetent;

5° after the period of suspension of more than six (6) months.

**Article 94: Competence to decide automatic removal from office of a public servant**

Automatic removal from office of public servant shall be a decision taken by a competent authority to remove him/her from the public service against the will of the public servant. However, the competent authority shall not give the notice of automatic removal from office to a public servant during his/her official leave.

**Article 95: Calculation of termination benefits**

Where a public servant is automatically removed from office as a result of job suppression or discontinuance, he/she shall be entitled to termination benefits allocated by the institution where he/she has been working up to his/her departure. Termination benefits for a

3° s'il n'est pas physiquement ou intellectuellement apte à reprendre ses fonctions après le congé de maladie de longue durée prévu à l'article 28 de la présente loi;

4° s'il est déclaré professionnellement incompétent suite à l'évaluation des performances;

5° après une période de suspension supérieure a six (6) mois.

**Article 94: Compétence de décider la démission d'office d'un agent de l'Etat**

La démission d'office d'un agent de l'Etat est la décision prise par l'autorité compétente de radier l'agent du fichier des agents de l'Etat indépendamment de la volonté de l'agent. Toutefois, l'autorité compétente ne peut pas donner à un agent un préavis de démission d'office lorsque l'agent est en congé prévu par la loi.

**Article 95: Calcul des indemnités de départ**

Lorsque l'agent de l'Etat est démis d'office suite à la suppression ou au manque d'emploi, il bénéficie des indemnités de départ versées en une seule fois par l'institution pour laquelle il travaille lors de son départ. Les indemnités de départ de l'agent de l'Etat sont calculées sur

agezeho, hagakurwamo imisoro gusa, kandi atangwa hakurikijwe uburambe umukozi afite mu Butegetsi bwa Leta, ku buryo bukurikira:

1° ukwezi kumwe (1) k'umushahara ku bakozi bujuje nibura umwaka umwe (1) w'uburambe bataruzuza imyaka itanu (5) mu kazi;

2° amezi abiri (2) y'umushahara ku bakozi bamaze nibura imyaka itanu (5) ariko bataruzuza imyaka cumi (10) mu kazi;

3° amezi atatu (3) y'umushahara ku bakozi bamaze nibura imyaka cumi (10) ariko bataruzuza imyaka cumi n'itanu (15) mu kazi;

4° amezi ane (4) y'umushahara ku bakozi bamaze nibura imyaka cumi n'itanu (15) ariko bataruzuza imyaka makumyabiri (20) mu kazi;

5° amezi atanu (5) y'umushahara ku bakozi bamaze nibura imyaka makumyabiri (20) ariko bataruzuza imyaka makumyabiri n'itanu (25) mu kazi;

6° amezi atandatu (6) y'umushahara ku bakozi bamaze nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25) mu kazi.

public servant shall be calculated on the basis of his/her last gross salary with only the deduction of tax and depending on his/her experience in public service as follows:

1° one (1) month salary for public servants with at least one (1) year, but less than five (5) years of experience ;

2° two (2) months salary for public servants with at least five (5) years, but less than ten (10) years of experience ;

3° three (3) months salary for public servants with at least ten (10) and less than fifteen (15) years of experience;

4° four (4) months salary for public servants with at least fifteen (15) and less than twenty (20) years of experience;

5° five (5) months salary for public servants with at least twenty (20) and less than twenty-five (25) years of experience;

6° six (6) months salary for public servants with at least twenty-five (25) years of experience.

base de son dernier salaire brut, déduit seulement des taxes, et en fonction de son ancienneté dans la fonction publique, comme suit:

1° un mois de salaire pour les agents justifiant d'une ancienneté d'une année au moins mais inférieure à cinq (5) ans;

2° deux (2) mois de salaire pour les agents justifiant d'une ancienneté de cinq (5) ans au moins mais inférieure à dix (10) ans ;

3° trois (3) mois de salaire pour les agents justifiant d'une ancienneté de dix (10) ans au moins mais inférieure à quinze (15) ans ;

4° quatre (4) mois de salaire pour les agents justifiant d'une ancienneté d'au moins quinze (15) ans au moins mais inférieure à vingt (20) ans;

5° cinq (5) mois de salaire pour les agents justifiant d'une ancienneté de vingt (20) ans au moins mais inférieure à vingt-cinq (25) ans;

6° six (6) mois de salaire pour les agents justifiant d'une ancienneté de vingt – cinq (25) ans au moins.

**Ingingo ya 96: Ibyubahirizwa mu gutanga imperekeza**

Umukozi wa Leta wahawe umurimo hakoreshejwe uburyo bwo gushyirwaho agasimbuzwa, undi we agahagarikwa by'agateganyo, ntahite ahabwa akandi kazi, na we ahabwa imperekeza zivugwa mu ngingo ya 95 y'iri tegeko.

Bitabangamiye ibyo umukozi wa Leta ahabwa iyo avuye mu rwego rwa politiki, uburambe bwe ku mirimo yo mu rwego rwa politiki bwiyongera ku burambe afite nk'umukozi wa Leta iyo abarirwa imperekeza.

Icyakora, iyo nyuma yo gusezererwa no guhabwa imperekeza umukozi wa Leta yongeye kubona akazi mu nzego z'imirimo ya Leta, iyo bibaye ngombwa ko yongera gusezererwa, imperekeza ahabwa zishingira ku burambe mu kazi afite nyuma y'isezererwa ribanziriza iryo.

Uburenganzira ku bigenerwa uwasezerewe kubera ivanwaho cyangwa ibura ry'umurimo, buzima mu gihe n'uburyo biteganyijwe mu ngingo ya 61 y'iri tegeko.

**Article 96: Requirements for granting of termination benefits**

A public servant, who was recruited through nomination and was suspended without being offered another post, shall also enjoy termination benefits provided under the provisions of Article 95 of this Law.

Without prejudice to benefits granted when as political leader leaves office, his/her experience as a political leader shall be added up to his/her experience as a public servant while computing termination benefits.

However, when a public servant was automatically removed from office and granted termination benefits has afterwards been recruited in the public service again and she/he is again subject to automatic removal, her/his current termination benefits shall be calculated on the basis of her/his new experience after the prior automatic removal.

Termination benefits for a public servant automatically removed from office due to job suppression or discontinuance are subject to prescription provided for in Article 61 of this Law.

**Article 96: Conditions pour octroi des indemnités de départ**

Un agent de l'Etat dont le remplacement à son poste a été pourvu, qui a été suspendu et qui n'a pas reçu un autre poste alors qu'il avait été recruté suite à la nomination reçoit également les indemnités de départ prévues à l'article 95 de la présente loi.

Sans préjudice des indemnités reçues lors de la cessation des fonctions d'un mandataire politique, son ancienneté dans la carrière politique est ajoutée à son ancienneté en tant qu'agent de l'Etat lors du calcul de ses indemnités de départ.

Toutefois, lorsqu'un agent de l'Etat qui a fait l'objet de démission d'office est par la suite recruté dans la fonction publique et qu'il est encore démis d'office, il bénéficie des indemnités de départ calculées sur base de la nouvelle expérience acquise après la démission d'office précédente.

Les indemnités de démission d'office d'un agent de l'Etat suite à la suppression ou au manque d'emploi sont soumises à la prescription visée à l'article 61 de la présente loi.

**Ingingo ya 97: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezererwa ku kazi nta mpaka**

Umuntu utakiri umukozi wa Leta bitewe n'uko yasezerewe ku kazi nta mpaka, ashobora gusubira mu kazi mu butegetsi bwa Leta binyuze mu buryo bwo gushaka no gushyira abakozi mu myanya buteganywa n'iri tegeko.

**Icyiciro cya 4: Kwirukanwa burundu no gusubizwa mu kazi k'umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 98: Kwirukanwa burundu ku kazi kubera ikosa rikomeye**

Kwirukanwa burundu ku kazi ni icyemezo gifatwa mu nyandiko n'umuyobozi ubifitiye ububasha cyo kuvana burundu umukozi wa Leta mu bakozi ba Leta, bitewe n'ikosa rikomeye yakoze.

Ikosa rikomeye rihanwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha amaze kugisha inama Minisitiri.

**Ingingo ya 99: Gusubira mu kazi nyuma yo kwirukanwa burundu**

Umuntu utakiri umukozi wa Leta bitewe n'uko yirukanywe burundu, ashobora gusaba gusubirana uburenganzira bwo gushaka akazi cyangwa gushyirwa mu mwanya mu butegetsi bwa Leta amaze gukorerwa ihanagurabusembwa.

**Article 97: Reintegration in the public service after automatic removal from office**

A public servant who was automatically removed from office may be reintegrated in the public service in accordance with recruitment modalities provided for in this Law.

**Section 4: Dismissal and reintegration of a public servant**

**Article 98: Dismissal due to gross misconduct**

Dismissal shall refer to a measure, pronounced in writing by a competent authority, of definitive expulsion of a public servant from public service as a result of a gross misconduct.

A gross misconduct shall be punished by a competent authority after consultation with the Minister.

**Article 99: Reintegration of a public servant after dismissal**

A person who is no longer a public servant following his/her dismissal may request for the right to apply for a job or to be nominated in public service after rehabilitation.

**Article 97: Réintégration de la fonction publique après la démission d'office**

Un agent de l'Etat qui a été démis d'office de ses fonctions peut réintégrer la fonction publique conformément aux modalités de recrutement prévues par la présente loi.

**Section 4: Révocation et réintégration de l'agent de l'Etat**

**Article 98: Révocation pour faute grave**

La révocation est une mesure d'exclusion définitive de l'agent de l'Etat, prononcée par écrit par l'autorité compétente, suite à une faute grave de l'agent de l'Etat.

Une faute grave est punie par l'autorité compétente après avis du Ministre.

**Article 99: Réintégration de l'agent de l'Etat après révocation**

La personne ayant perdu la qualité d'agent de l'Etat suite à une révocation peut demander le droit de chercher l'emploi ou d'être nommée dans la fonction publique, après avoir été réhabilitée.

Gusaba ihanagurabusembwa bikorwa na nyir'ubwite amaze nibura imyaka irindwi (7) ibarwa uhereye igihe umukozi yaherewe igihano cyo kwirukanwa burundu.

Inyandiko isaba ihanagurabusembwa ishyikirizwa umuyobozi ubifitiye ububasha w'urwego umukozi yirukanywemo, na we agafata icyemezo ashingiye ku myanzuro ya Komisiyo.

Iteka rya Perezida rigena uburyo bw'imihanire y'Abakozi ba Leta riteganya ibyubahirizwa n'uburyo ihanagurabusembwa rikorwa.

**Icyiciro cya 5: Kwemererwa gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru**

**Ingingo ya 100: Ikiruhuko cy'izabukuru**

Ikiruhuko cy'izabukuru ni irangira risanzwe ry'umurimo w'umukozi wa Leta, ari byo bimuhesha uburenganzira ku mafaranga y'izabukuru nk'uko ateganywa n'amategeko y'ubwiteganyirize.

Umuyobozi washyize mu mwanya umukozi wa Leta, ni na we ufite ububasha bwo kumwemerera kujya mu kiruhuko cy'izabukuru.

The request for rehabilitation shall be made by the concerned person after at least seven (7) years as of the date he/she was dismissed.

The request for rehabilitation shall be addressed to the competent authority of the institution from which the public servant was dismissed, who shall decide based on the conclusions of the Commission.

The Presidential Order determining modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants shall specify conditions and modalities of rehabilitation.

**Section 5: Admission to retirement**

**Article 100: Retirement**

A retirement shall mean the normal end of employment of a public servant and entitle him/her to the retirement pension in accordance with the Law on social security.

The retirement shall be decided by the authority who appointed the public servant.

La demande de réhabilitation est faite par la personne concerné après une période d'au moins sept (7) ans, à compter du jour de sa révocation.

La lettre de demande de réhabilitation est adressée à l'autorité compétente de l'institution qui a révoqué l'agent, qui prend une décision sur base des conclusions de la Commission.

L'arrêté présidentiel déterminant les modalités d'application du régime disciplinaire des agents de l'Etat prévoit les conditions et les modalités de réhabilitation.

**Section 5: Admission à la retraite**

**Article 100: Retraite**

La mise à la retraite marque la fin normale de l'exercice de la fonction de l'agent de l'Etat et lui donne droit à une pension de retraite conformément aux dispositions légales en matière de sécurité sociale.

La mise à la retraite est décidée par l'autorité ayant affecté l'agent de l'Etat concerné.

**Ingingo ya 101: Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru**

Imyaka isanzwe kugira ngo umukozi wa Leta abone ikiruhuko cy'izabukuru ni mirongo itandatu n'itanu (65).

Icyakora, umukozi wa Leta wujuje nibura imyaka mirongo itandatu (60) y'amavuko kandi akaba amaze gukora nibura imyaka cumi n'itanu (15) atanga imisanzu mu Kigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, ashobora gusaba umuyobozi ubifitiye ububasha kujya mu kiruhuko cy'izabukuru igihe giteganyijwe kitaragera.

Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru ku bakozi bagengwa na Sitati zihariye igenwa hakurikijwe imiterere y'imirimo bakora.

**Ingingo ya 102: Impamba y'izabukuru**

Umukozi wa Leta ushyizwe mu kiruhuko cy'izabukuru, agenerwa n'urwego akorera impamba y'izabukuru itangwa mu mafaranga, hashingiwe ku burambe uwo mukozi afite mu Butegetsi bwa Leta.

Amafaranga y'impamba y'izabukuru abarwa mu buryo bumwe n'ibivugwa mu ngingo ya 95 y'iri tegeko, kandi atangwa inshuro imwe.

**Article 101: Retirement age**

The normal retirement age for a public servant shall be sixty five (65) years.

However, a public servant who attains at least sixty (60) years of age and who has served for at least fifteen (15) years in public service and pays his/her contribution to the Rwanda Social Security Board may apply to the competent authority for early retirement.

Retirement age for public servants governed by special statutes shall be fixed in accordance with the nature of their duties.

**Article 102: Retirement benefits**

A public servant who retires shall be entitled to retirement benefits allocated by his/her institution on the basis of his/her experience in public service.

Retirement benefits shall be computed in the same way as provided for in Article 95 of this Law.

**Article 101: Age de la retraite**

L'âge normal de la retraite d'un agent de l'Etat est de soixante cinq (65) ans.

Toutefois, un agent de l'Etat âgé de soixante (60) ans au moins et qui a accompli au moins quinze (15) ans de service dans la fonction publique en versant des cotisations à l'Office Rwandais de Sécurité Sociale, peut adresser à l'autorité compétente la demande de mise à la retraite anticipée.

L'âge de la retraite pour les agents régis par les statuts particuliers est fixé conformément à la nature de leurs fonctions.

**Article 102: Indemnités de mise à la retraite**

L'agent de l'Etat admis à la retraite bénéficie d'une indemnité de mise à la retraite versée par son institution sur base de son expérience dans la fonction publique.

L'indemnité de mise à la retraite est versée en une seule fois et elle est calculée de la même manière que celle qui est prévue à l'article 95 de la présente loi.

Amafaranga y'impamba y'izabukuru ntabangikanywa n'amafaranga y'imperekeza agenerwa umukozi usezerewe nta mpaka.

**<u>Icyiciro cya 5</u>: Urupfu rw'umukozi wa Leta**

**<u>Ingingo ya 103</u>: Kuva mu bakozi ba Leta bitewe n'urupfu**

Iyo umukozi wa Leta apfuye aba arangije umurimo we mu bakozi ba Leta kandi n'ikurikiranwa ku makosa yaba yarakoze mu kazi rikarangirira aho.

**<u>Ingingo ya 104</u>: Impozamarira n'amafaranga y'ishyingura**

Iyo umukozi wa Leta apfuye akiri ku mirimo, uwapfakaye n'imfubyi asize bahabwa amafaranga y'impozamarira atangirwa rimwe angana n'inshuro esheshatu (6) z'umushahara mbumbe yahembwe bwa nyuma, yaba atabafite agahabwa abamuzungura bemewe n'amategeko. Ubu burenganzira buzima mu gihe n'uburyo biteganyijwe mu ngingo ya 61 y'iri tegeko.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ingano y'amafaranga y'ishyingura ku bakozi ba Leta bapfuye bakiri ku mirimo.

Retirement benefits shall be incompatible with benefits granted to a public servant removed automatically from office.

**<u>Section 5</u>: Death of a public servant**

**<u>Article 103</u>: Termination of employment of a public servant due to his/her death**

The death of a public servant shall mark the definitive termination of his/her employment in the public service and put an end to any disciplinary procedure in all its respects.

**<u>Article 104</u>: Death allowances and funeral expenses**

In case a public servant dies while still in service, the widow or widower and orphans, and in their absence, the legally recognized successors shall be granted death allowances equivalent to a lump sum of six (6) times the last monthly gross salary of the diseased. These death allowances are subject to prescription as provided for in Article 61 of this Law.

A Prime Minister's Order shall determine the amount of funeral expenses in case of death of public servant still in service.

L'indemnité de mise à la retraite est incompatible avec les indemnités accordées à un agent démis d'office de ses fonctions.

**<u>Section 5</u>: Décès d'un agent de l'Etat**

**<u>Article 103</u>: Cessation des fonctions d'un agent de l'Etat suite au décès**

Le décès d'un agent de l'Etat marque la cessation définitive de son activité dans la fonction publique et met fin à la procédure disciplinaire dans tous ses effets.

**<u>Article 104</u>: Indemnités de décès et dépenses funéraires**

En cas de décès d'un agent de l'Etat en cours d'activités, une allocation de décès versée sous forme d'un paiement unique d'un montant égal au sextuple du dernier salaire brut mensuel du défunt est accordée au conjoint survivant et aux orphelins, à défaut de ces derniers, aux successeurs légitimes. Cette allocation est soumise à la prescription visée à l'article 61 de la présente loi.

Un arrêté du Premier Ministre détermine le montant des dépenses funéraires en cas de décès d'un agent de l'Etat en cours d'activités.

**UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 105: Igihe cy'inzibacyuho**

Impaka zavutse mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa zizakomeza gukemurwa hashingiwe ku itegeko ryariho igihe izo mpaka zavukaga mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe iri tegeko ryatangiye gukurikizwa.

**Ingingo ya 106: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 107: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 22/2002 ryo ku wa 09/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 108: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 105: Transitional period**

Any dispute arising before the commencement of this Law shall be resolved in accordance with the Law which was into force at the time of the occurrence of such a dispute within a period of twelve (12) months from the commencement of this Law.

**Article 106: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 107: Repealing provision**

Law nº 22/2002 of 09/07/2002 on general statutes for Rwanda public service and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 108: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 105: Période transitoire**

Tout litige survenu avant l'entrée en vigueur de la présente loi sera réglé conformément à la loi qui était en vigueur au moment de la survenance du litige dans une période de douze (12) mois à compter de l'entrée en vigueur de la présente loi.

**Article 106: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 107: Disposition abrogatoire**

La Loi nº 22/2002 du 09/07/2002 portant statut général de la fonction publique Rwandaise et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 108: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 11/09/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 11/09/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 11/09/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre**:**

**Vu et scellé du Sceau de la République**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux